UMURONGO NGENGABUSHOBOZI MU MASHURI Y'IMYUGA N'UBUMENYINGIRO, IKICIRO CYA III.

IKINYARWANDA KIBONEYE

CCMKN301

# Gukoresha ikinyarwanda kiboneye

Competence

**Indengo: 3** **Amasaha ateganijwe: 30**

**Ishami: Yose**

**Agashami: Twose**

**Igihe yateguriwe:** Ukwakira, 2020

**Intego nyamukuru**

Iyi mbumbanyigisho irasobanura ubumenyi n'ubushobozi bukenewe kugira ngo uwiga ashobore:Gukoresha ikinyarwanda kiboneye mu kumva, kuvuga, gusoma no kwandika, mu bikorwa bijyanye n'umwuga we; Gukoresha ubuvanganzo gakondo mu gushyikirana n'abandi abagezaho ibitekerezo bye kandi agaragaza uko yakira ibyabo; Kugaragaza imyumvire n'imyifatire ikwiye agenda avoma mu myandiko inyuranye; Gutandukanya ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyarwanda; Guhanga no kumurika imyandiko mu rurimi rw'Ikinyarwanda afatiye ku ngeri zinyuranye z'imyandiko Gusobanura inshoza y'ubuke, ubumwe n' ubwinshi; Gusobanura inshoza ya ntera, kugaragaza amategeko y'igenamajwi no kumurika ibicumbi bya ntera no Kwandika yubahiriza ikata n'itakara ry'inyajwi mu myandikire y'Ikinyarwanda.

**Ibikubiyemo**

**Ingingo n'ibipimo by'ubushobozi**

| Ingingo z'Ubushobozi | Ibipimo by'Ubushobozi | No Urupapuro |
| --- | --- | --- |
| 1.Gukoresha ubuvanganzo gakondo ashyikirana n'abandi | 1.1. Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye, uwiga agaragaza ko yumva ubuvanganzo gakondo abinyujije mu ngiro zinyuranye.<br><br>1.2. Gusubiza mu mvugo iboneye ibibazo ku buvanganzo gakondo.<br><br>1.3. Gusoma neza umwandiko w'ubuvanganzo gakondo yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br><br>1.4. Guhina insigamigani n'igitekerezo cyo muri rubanda akurikiranya neza ingingo. | 4 |
| | 1.5. Gutarama akoresheje ubuvanganzo bwizwe. | |

| | | |
|---|---|---|
| **2.Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye agaragaza ibyiza by'uburinganire n'ubwuzuzanye, itandukaniro ry'amazina bwite n'amazina rusange n'imiterere y'isanisha ryo mu bisekuru.** | 2.1. Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye, uwiga agaragaza ko yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko y' 'uburinganire n'ubwuzuzanyeabinyujije mu ngiro zinyuranye.<br><br>2.2. Gusubiza neza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko.<br><br>2.3. Gusoma neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br><br>2.4. Guhina no guhimba umwandiko akurikiranya neza ingingo.<br><br>2.5. Kumurika ingero zifatika zihamya n'izibangamira uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango nyarwanda.<br><br>2.6. Gutandukanya izina bwite n'izina rusange no gukora isanisha riboneye ryo mu bisekuru. | 17 |
| **3.Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye agaragaza ibyiza by'uburenganzira bw'umwana no gutandukanya inshoza z'ubuke, ubumwe n'ubwinshi.** | 3.1. Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye uwiga agaragaza ko yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko y' uburenganzira bw'umwana abinyujije mu ngiro zitandukanye.<br><br>3.2. Gusubiza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko.<br><br>3.3. Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.<br><br>3.4. Guhina no guhimba umwandiko akurikiranya neza ingingo.<br><br>3.5. Kumurika ingero zifatika zihamya n'izibangamira uburenganzira bw'umwana mu muryango nyarwanda.<br><br>3.6. Gutandukanya inshoza z'ubuke, ubumwe n'ubwinshi. | 28 |
| **4.Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye agaragaza uburyo bunyuranye bwo kurwanya indwara no gusobanura intêgo** | 4.1. Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye, uwiga agaragaza ko yumva mu ngiro zinyuranye umwandiko ku nsanganyamatsiko yerekeye kurwanya indwara.<br><br>4.2. Gusubiza neza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko.<br><br>4.3. Gusoma neza umwandiko yubahiriza utwatuzo | 40 |

| | | |
|---|---|---|
| **ya ntera.** | n'isesekaza.<br><br>4.4. Guhimba no kumurika umwandiko akurikiranya neza ingingo.<br><br>4.5. Gutandukanya indwara zandura n'indwara zitandura.<br><br>4.6. Kugaragaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi muri ntera. | |
| **5.Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye agaragaza imyifatire ikwiye ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere no kwandika yubahiriza imyandikire y'Ikinyarwanda.** | 5.1. Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye, uwiga agaragaza ko yumva ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubuzima bw'imyororokere mu ngiro zinyuranye.<br><br>5.2. Gusubiza neza ibibazo mu mvugo iboneye ku ikinamico.<br><br>5.3. Gusoma neza ikinamico yubahiriza uturango twayo.<br><br>5.4. Guhimba no gukina ikinamico ahuza imvugo n'ingiro.<br><br>5.5. Gukoresha neza amagambo yabugenewe avuga ikigero k'imyaka y'ubukure.<br><br>5.6. Gukoresha neza ikata n'itakara ry'inyajwi mu myandikire y'Ikinyarwanda. | 49 |

Umubare mbumbe w'amapaji: 49

## Imbumbe ya 1.Gukoresha neza ubuvanganzo gakondo ashyikirana n'abandi

**Umusaruro w'inyigisho 1.1**: **Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye uwiga agaragaza ko yumva ubuvanganzo gakondo abinyujije mu ngiro zitandukanye.**

**INSHOZA Y'UBUVANGANZO**

Ubuvanganzo ni ijambo ry'inyunge rigizwe n'amagambo abiri ariyo: Kuva=guturuka cyangwa gukomoka ndetse n'inganzo = aho ababumbyi bakura ibumba. Iryo jambo ariko ntirifite aho rihuriye n'ububumbyi busanzwe buzwi. Ashwi da! Rirerekeza ku kurema wifashishije ijambo. Mu ndimi mvamahanga baryita **Literature.**

Ubu buvanganzo rero bukaba bukurikira inzira ya muntu iyo ava akagera kuko butajya busiganan'ururimi ndetse n'umuco.

**I. Incamake kumateka y'ubuvanganzo Nyarwanda**

Haba mu Rwanda n'ahandi hari igihe hatariho uburyo bwo kwandika. Inyandiko rero yaje hanyuma ihindukira ubuvanganzo ububiko bw'agatangaza. Ibyo rero bitumye habaho imigabaneibiri mu mikorere y'ubuvanganzo ariyo: **Nyemvugo** na **Nyandiko**.

- **Ubuvanganzo Nyemvugo**:

Ubu nibwo buvanganzo bukuru mu Rwanda ndetse no ku isimuri rusange. Bukaba rero ari ubuvanganzo bukozwe mu mvugo gusa aho rubandabahererekanya ibyo bahanze batanditse. Iki nicyo gihimba kinini cyaranze Ubuvanganzobw'iwacu n'ubwo aho inyandiko yadukiye bagerageje kwandika ibyakorwaga hagamijwekubibika birambye. Ibyo ariko byarabukenesheje kuko ntibyari kwemera ko babonaibyakozwe byose uko byakabaye.

- Byinshi rero byahererekanwaga mu buvanganzobw'iwacu twavugamo:

-**Ibisigo** – **Ubwiru** – **Ibisakuzo** – **Ibyivugo** – **Ibisingizo** – **Insigamigani** -**Imigani**:

**miremire** n'**imigufi**…

- **Ubuvanganzo Nyandiko:**

Ubu ni ubuvanganzo bwadutse nyuma y'aho Abazungu baziyebazanye n'inyandiko. Uretse kwandika ibyari byarakozwe mu gihe cy'ubuvanganzonyemvugo rero, ubuvanganzo nyandiko bwakungaharishije ubuvanganzo bwacu Inkurundende n'Ikinamico. Ibindi byose ni ibyo twabonye muri Nyemvugo banditse.

- Abanditsi babaye rurangiranwa mu buvanganzo bw'iwacu twavuga ni nka:

1. **Padiri Alegisi Kagame**: yanditse Inganji Karinga, ***Umuririmbyi wa Nyiribiremwa***,

***Isoko y'Amajyambere***, ***Indyoheshabirayi*** n'ibindi byinshi yanditse mu ndimiz'Iburengerazuba.

2**. Musenyeri Aloys Bigirumwami**: Afatanyije na **Padiri Baritazari** banditse Imimigani miremire, yanditse kandi Imigenzo n'imiziririzo ya Kinyarwanda, ***Icara nkumareirungu***…

3. **Sipiriyani Rugamba**: Yanditse Indirimbo inyinshi zikaririmbwa n'Amasimbin'Amakombe, ***Cyuzuzo***, (La poésie face ά l'Histoire) n'ibindi byinshi.

4. **François X. Gasimba**: Yanditse ***Indege y'Ubumwe Rwandarw'Ubu***, Isezera ryaKigeri n'ibindi.

5. **Charles Kayumba**: Yanditse (*La poésie heroïque Rwandaise*) n'ibindi.

**II. Zimwe mungeri z'Ubuvanganzo Nyarwanda**

1. **UBUSIZI:**

Iyi ni ingeri yakungahaje bikomeye ubuvanganzo bw'urwa Gasabo. Ikaba yarakomotse ku mugabekazi w'umutsindirano wa RuganzuI witwaga Nyirarumaga. Akaba ahaniniyarayihangiye kugira ngo ibike amateka y'ingoma bityo umwami ajye ashobora kumenya nezaamateka y'abami bamubanjirije.

Kubika amateka ariko sicyo cyabaye umumaro w'ubusizi gusa kukobanabusingirishaga ingomaiyi n'iyi. Bakabukoresha bahimbaza intsinzi ku rugamba cyangwa bafata mumugongo umwamin'ingabo mugihe babaga batsinzwe urugamba.

**Amoko y'ibisigo azwi mubusizi nyarwanda:**

1. **IMPAKANIZI:**

Ni ibisigo byaratanga ibikorwa by'abami arikobikagenda bigira inyikirizo. Iyo nyikirizo ikajya iza uko barangije ibikorwaby'umwami runaka. Iyo nyikirizo rero akaba ariyo yitwa Impakanizi ari nayonkomoko y'izina ry'ubwoko bw'ibyo bisigo. (Urugero: Ukwibyara),

2. **IBYANZU:**

Ni ibisigo bisingiza abami bitagombyekubakurikiranya habe no gutinda kumazina yabyo. Nabyo rero bikagira inyikirizoicyakora yo ikitwa icyanzu ari nayo nkomoko y'izina ry'ubwoko bw'ibisigo by' **ibyanzu**.(Urugero: Naje kubara inkuru)

3. **IKOBYO /IKUNGU:**

Ni ubwokobw'ibisigo bigiye umujyo umwe bitagabanyijwe n'inyikirizo.(Urugero: Naje kubika u Burundi),

**IMPUGUKIRWA:**

Abasizi ahanini babaga mumiryango yabugenewe maze ikitwa INTEBEY'ABASIZI. Wasangaga umusizi runaka yarabiragaga abana be maze bikaba uruhererekanebityo.

Abasizi twavuga ni nka: **NyiraruganzuII Nyirarumaga**, **Nsabimana**, **Bagorozi**,

**Karimunda**, **Musare**, **Nyakayonga**, **Singayimbaga**, **Muguta**, **Muhabura**, **Nyamugenda**,

**Sekarama** n'abandi.

**IKITONDERWA**

Kuri ubu ntabwo iyi ngeri igikoreshwa kuko mu Rwanda nta bami bagihari kuko bakuweho na Repuburika. Bityo rero ugerageje gutunganya icyakiswe igisigo kuko atagira uwo cyaturwa kitwa **umuvugo**.

2. **IBYIVUGO**

Ibi nabyo bitaretse injyana ihimbitse neza; byari ibisingizo by'ingabo aho rubanda bisingizaga ibigwi n'ibirindiro bagiye bagira ku rugamba uru n'uru. Umuntu yiratanga ashingiye ku bantu yabaga yarishe ku rugamba uru n'uru. Hakaba ubwo yabaga yaragarukiye

utsikiye mu isubira inyuma ry'ingabo ku rugamba, ubundi kandi akabaya kwirata uwo yimanye ku rugamba umubisha amusumbirije.Ibi ahanini byari ibyo mu gihe u Rwanda rwari rukiyubaka bahora mu ntambara bigarurira amaguhu yari akikije u Rwanda.

Uyu munsi rero kuko Atari abantu bose batabarira igihugu ahari umuntu yasingiza ibindi bikorwa by'ubudashyikirwa nko kurusha abandi ku murimo, ubutiganda mu gikorwa iki n'iki n'ibindi.

**Amoko y'ibyivugo:**

- **ININGWA**: ni ibyivugo bigufi kandi bigiye umujyo umwe bikarangira bityo.

**Urugero**: Inshyikanya ku mubiri.

- **IMYATO**: Ni ibyivugo bibaye birebire mu buryo bigenda bigabanwamo ibika kandi nyine ibyo bika akaba aribyo byitwa IMYATO. Kwata ni nko kuvuga kugenda ugabanyamo cyangwa ucamo ibice.

**Urugero**: Inkataza kurekera.

## 3. IMIGANI MIGUFI

Mu isobekarurimi habamo no gushaka kubwira umuntu byinshi mu magambo make. Aho rero bisaba gusobeka imvugo ku buryo uwo uyibwiye ashoborano kudahita abyumva ako kanya bikamusaba gutekereza biruseho.

**Zimwe mu ngero z'imigani migufi:**

- Utazi ubwenge ashima ubwe

- Ubuhake bwananiranye bukukisha umugabo ikijyaruguru

- Umwana w'undi abishya inkonda

- Ufite gisegura anaga ijosi

- Ushaka umushaka asanga umweko upfunduye

- Uwagumiwe n'amenyo ahagamwa n'amazi

- Ugumiwe n'urushako ishavu arigira impamba

- Ntugakangwe n'ibigo binini haba ibitunzwe n'ibibogeri

- Ntugakangwe na ndisize wenda yaba ari amasabano

- Uboneye ishyano mu ishyamba abaza inkima n'inkende

- Ubwira bwiriza ubusa

4. **IMIGANI MIREMIRE:**

Iyi yo iratandukana cyane n'iyo tubonye mu bika bibanza kuko iba ari inkuru ndende kandi mpimbano ikavuga nyine ibitarabayeho. Akenshi iba yuzuye amakabyankuru. Imimaro yayo mu muco nyarwanda ikaba ari iyo Gutarama, Guhugura no kwigisha. Nibwo bwari uburyo gakondo bwo kuyobora imyumvire ya rubanda uhereye mu buto.

Amagambo atangira umugani: **Reka ngucire umugani nkubambuze umugano n'uzava ikantarange azasange ubukombe bw'umugani buziritse ku muganda w'inzu. Harabaye ntihakabe, harapfuye ntihagapfe hapfuye imbwa n'imbeba, habaye inka n'ingoma. Ubusa bwaritse ku nzira, umuyaga urabwarurira, uruvu ruravugiriza, agaca kacuranga, Nyiramusambi isabagirana inanga. Kera habayeho…,** Maze mu gusoza ugasoresha **sijye wahera.**

**IKITONDERWA**

Cyaraziraga mu Rwanda guca imigani ku manywa. Nyirantarengwa bashyiragaho ngo ni uko umuntu yashoboraga guhinduka umuserebanya. Ariko ikigaragara kandi nk'uko tubikesha Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI mu gitabo yanditse cy'Imigani miremire, ngo byabaga ari ukugira ngo Ku manywa rubanda barangamire umurimo.

**5. IBISAKUZO**

Ni isobekeranya ry'amagambo rityaza intekerezo aho umuntu umwe asobeka amagambo undi agasabwa gupfundura ayo mapfundo agamije kumenyekanisha igitekerezo kihishe inyuma y'iryo sobeka.

**INGERO Z'IBISAKUZO:**

**USAKUZA**: Sakwe sakwe **UFINDURA**: Soma

| | |
|---|---|
| Nshoye Gitare nkura Gaju | Umutsima w'amasaka |
| Icara nkubwire | Ivunja |
| Winkirigitira umukobwa ntiwamukoye | Ikijumba mu ihunge |
| Nyakubahwa arara munzu ubwanwa buri hanze | Ikigori |
| Dore so arahise n'ibikote bibi | Ikivumvuri |
| Ca bugufi ngutume ikuzimu | Umugondoro w'igishyimbo |
| Nyirabugenge n'ubugenge bwayo | Inka kuba umukara igakamwa ayera. |

## 6. INSIGAMIGANI

**INSHOZA**

Ni ibyabaye akenshi bifatwa nk'amateka gusa ntibyoroshye kumenya neza ababihimbye nubwo hakunzwe kwerekana igihe byabereye.

**AMOKO Y'INSIGAMIGANI**

- **Insigamigani Nyirizina**: Ni ibyabaye bigakorwa n'umuntu uzwi, wabayeho mu mateka ibikorwa bye rubanda bakemera kubikurikiza, akenshi usanga bivuga ku mateka y' u Rwanda.

**Urugero:**

- **Amagambo yageze iwa Ndabaga**

- Kuruha uwa Kavuna (Kavuna ka Ryankuma)

- Habe na Mba

- Amagambo yahariwe Nankana

- Yagiye Burundu

- **Insigamugani Nyitiriro**: Ni ibyo rubanda rufatiraho/ruheraho bitewe n'ikibaye rukabigira iciro ry'umugani

**Urugero:**

- Gikeri ati "mutahe na ntashya" kiti mpurira he n'ibiguruka

- Mpyisi ati" ko kuvuga ari ugutaruka nkaburiya Musheru ipfana iki na Mutamu?"

- Igitekerezo cyo muri rubanda

Ibitekerezo byo muri rubanda ni ibyabaga byarahimbiwe muri rubanda, bifatiye ku muntu runaka cyangwa se ku mpanuka. Ibyo bitekerezo kuberako ari birebire kandi bizunguruka muri rubanda nyamwinshi, babitekerezaga kwinshi ariko bikagusha hamwe. Muri ibyo bitekerezo hakunda kwivangamo amakabyankuru nk'ayo mu migani. Nibyo dusanga nko mu bitekerezo bya Ruganzu bahinduye umuntu w'akataraboneka.

**Ingero z'ibitekerezo:**

Igitekerezo cya Nsoro ya Samembe, igitekerezo cya Nkuba, igitekerezo cya Runukamishyo, igitekerezo cya Ngunda, igitekerezo cya Serugarukiramfizi.

**Umusaruro w'inyigisho 1.2: Gusoma umwandiko w'ubuvanganzo gakondo yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.**

**UMWANDIKO: Amagambo ageze iwa Ndabaga**

Uyu mugani bawuca iyo babonye ibintu bimaze kuba ingombabagabo; ni bwo bavuga ngo «amagambo ageze iwa Ndabaga» cyangwa ngo «byageze iwandabaga!» bamwe batekereza imvano yawo ntibavuge amavu n'amavuko y'uwo ndabaga; abandi ariko bakavuga ko yari umukobwa wa nyamutezi mu bwishaza (kibuye) ; ahasaga umwaka wa 1700.

Ndabaga uwo yavutse ari ikinege; atagira uwo akurikira, n'umukurikira, kandi yari umukobwa. Yanze kuvuka akiri uruhinja, se ajya mu rugerero; ajyana n'abandi banyabwishaza.

Amaze kuba umugabo w'ijigija, Ndabaga akaba yarasigaranye na nyina, akura atazi se; akajya abaza nyina, ati «mbese ko ntajya mbona data aba hehe?» nyina, ati «aba murugerero». Byatinda akongera ku mubaza, ati «ariko se kuki data adatahe? » undi ati «ni uko adafite umwana w'umuhungu wo kumukura, ntagire n'undi bava inda imwe ngo amukure; yagiye atarabyara umutabazi! Noneho ndabaga atangira kwiga imirimo ya gihungu: nko kurasa, gusimbuka, gutera icumu, gufora umuhetow'inkindi, kwiruka, mbese imirimo ya gihungu yose arayitoza ayimarayo, ndetse ajya no mubacuzi kwimenesha amabere; barayasatura bashiririza amayusi ngo adapfundura. Nyina yamubaza icyo abigirira, undi ati «none se ko ari jye uri mu kigwi cya data, nintiga byose uzarengerwa na wundi nde! »

Nuko Ndabaga amaze gukuka ubwangavu abwira nyina, ati «ndashaka kujya kuramutsa data, ambona na njye mubona, kandi mukure ku rugerero; burya yapfuye narakara! » nyina arabyemera amuha impamba, amushandika abanyabwishaza bagemuriye ababo mu rugerero; arabikoma barajyana. Agezeyo asaba abahungu b'ikigero cye kumwereka umuntu witwa Nyamutezi. Abo abajijie baramumwereka: bararamukanya baranezerwa. Bukeye ndabaga abaza se, ati «wabujijwe n'iki gutaha iwawe?» undi ati «mwana wanjye nabuze uwankura kandi maze kunanirwa kubera ubusaza». Ndabaga, ati «watashye nkagukura? » undi, ati «mwana wanjye se ko uri umukobwa bakunda! » Ndabaga, ati «woye kuvuga ko ndi umukobwa, uvuge ko ndi umuhungu kuko imirimo ya gihungu nyishoboye», se ati «iyo ushoboye ni nk'iyihe? » undi, ati «nko kurasa, gutera icumu, kwiruka, gusimbuka, ati «kandi n'iyo ntashoboye kumenyera iwacu kuko ntari mfite abanyigisha, nayigira hano». Nyamuteza ashaka kumuhinyuza; amuha umuheto ngo arebe ko yamasha, amushingira intego, Ndabaga arayimasha arayihamya. Amuha agacumu, ati «ngaho tera hariya ndebe ko wahageza». Aratera, se abona araharengeje. Amuha abana bangana nawe ngo basiganwe, Ndabaga arabasiga. Nyamutezi abibonye aramushima, yemera kumwerekana, ati «nguyu umukura wanjye». Umugenga w'urugerero aramwemerera aratah.

Nuko Ndabaga asigara mu rugerero; yiga kwiyereka imyiyereko yariho icyo gihe, yose arayimenya; aba intore nziza arashimwa arakundwa cyane! Kubera ko yayoborwaga mu byo akora byose akwumvira akitonda cyane, bahora bamutangaho urugero, bituma atanga abandi kugabana inka nyinshi. Abandi bana babibonye bamugirira ishyari, kuko abarushije kugabana inka nyinshi kandi aje vuba. Ubwo harimo n'ab'iwabo bamuzi, bakajya bajujura,

bati «ubonye ngo Ndabaga aturushe kugabana kandi ari umukobwa! » ababyumvise babibwira umwami, bati «ubanza ndabaga ngo ari umukobwa! « umwami ati «wenda ni koko, nanjye mbona afite ingingo za gikobwa, kandi n'amabere ye akabije kugira imoko z'aya gikobwa; si amayusi nk'ayabahungu! Ariko se mwabimenye mute? « Hari abararana nawe? » bati" «ntakunda kugira uwo bararana asasa ukwe kandi n'iyo agiye kunyara ajya ahiherereye!

Bukeye umwami aramuhamagaza, aramubaza bihereréye, ati «icyo nkubaza ntumpishe» undi, ati «singuhisha». Umwami, ati «uri umuhungu, cyangwa se uri umukobwa? » Ndabaga amagambo aramukomerera pe! Aribwira, ati «nimubwira ko ndi umuhungu, akandahiza nkarahira, akambwira ngo mwambarire ubutuku arebe agasanga ndi umukobwa, kandi namurahiye ko ndi umuhungu, birambera icyaha gikomeye. Ariko se ko data yavuze ko ndi umuhungu, nimbihakana ntibimubera icyaha kuko yabeshye ibwami? Umwanabiramudidanira arashoberwa. Umwami akomeza kumubaza, umwana agira ubwoba, ariko bigezaho ahitamo kumubwiza ukuri, kuko ari ntakundi yashoboraga kubigenza; ati «nyagasani ndi umukobwa! Umwami ati «ibyawe byari byaranyobeye; narakurebaga ngasanga ufite ingingo za gikobwa, kandi nabona urasa, utera icumu, wiruka, wiyereka, byose nkabona ubikorana ubwitonzi nta matwara ya gihungu akurangwaho. Yungamo, ati «cyo mbwira icyatumye wiga imirimo ya gihungu. Undi ati: «data yagiye murugerero ndi agahinja, ndinda kumenya ubwenge ntaramubona kugeza ubwo nabajije mama, nti «data abahe ko ntajya mubona? » ambwira ko yagiye mu rugerero, mubajije igituma adataha, ambwira ko adafite umukura kuko atabyaye umuhungu; kandi ari ntacyo mariye data; nibwo ntangiye kwisatuza amabere no kwitoza imirimo igenewe abahungu kugirango nza mucungure; mbonye maze kugimbuka, mbwira mama ko nshaka kujya kuramutsa data ngo murebe na we andebe kuko tutari tuziranye. Mama ni ko kunyemerera anshandika abagemu bagemurira ababo tuzane, mubonye ndanezerwa, na we aranezerwa. Tumaranye iminsi mubaza igituma atagera mu rugo rwe, ati «ni uko nta mwana w'umuhungu nabyaye wo kumbera umukura ngo anshungure! Ndamubaza, nti «ese wanyerekanye nkagukura ugataha? » ati «ntibakunda kuko utari umuhungu». Ndamusubiza, nti «uzavuge ko ndi umungu» , kuko imirimo ya gihungu nyizi» Tumaze kubyemeranya, ni bwo anzanye aranyerekana arasezererwa arataha.

Umwami amaze kwumvira amagambo ya Ndabaga, atumiza nyamutezi aramubaza, ati «uyu mwana wawe ni umukobwa cyangwa se ni umuhungu? Nyamutezi nawe abanza kujijinganya nk'umukobwa we, ariko kuko byari ngombwa kubwira umwami ukuri, ati «ni umukobwa! Umwami, ati «icyatumye umushyira mu rugerero akajya mu itorero ry'abahungu ni iki?» Nyamutezi ati « ni uko narimaze kunanirwa kubera ubusaza; nari nsigaranye n'abana basa: kandi nabonaga uwo mwana abishoboye! »

Nuko umwami abwira nyamutezi, ati «humura, na none witahire ndagusezereye; umuhakwa wampaye naramushimye, kandi ndamusigaranye ujyane n'inka zawe wari waramuhayeho injyishywa». Kuva ubwo ndabaga ajya ibwami ararerwayo amaze kuba inkumi arongorwa n'umwami arakundwakaza cyane. Uwo mwami bavuga ko yaba ari Kigeli Ndabarasa; akiza se, amukura atyo mu iziga ry'ubwishobere; kandi umwami ategeka ko ibinege bitagira gikura bizajya bisezererwa bigataha kuko ari igisebyo kubona u Rwanda ruhuruza n'abagore kurutabarira.

-kugera iwa ndabaga=kugera mu magombe; aho umuntu yiyambaza n'utari ngombwa ngo amuzigure.

**Umusaruro w'inyigisho 1.3: Gusubiza mu mvugo iboneye ibibazo ku buvanganzo gakondo.**

**I. Sobanura aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko**

a. Ikinege
b. Urugerero
c. Ubwangavu
d. Impamba
e. Imyiyereko
f. Kujujura
g. Kwambarira umuntu ubutuku
h. gukundwakazwa

**II. Ibibazo ku mwandiko**

1. Ndabaga yari muntu ki?
2. Se wa Ndabaga yitwaga nde?

3. Ni bande nyina wa Ndabaga yabonye akabamushandika?
4. Vuga imirimo ndabaga yitoje kugirango azajye gukura se ku rugerero?
5. Kuki umukobwa atakuraga se ku rugamba?
6. Ni iki cyatumye Ndabaga afata icyemezo cyo kuzajya gucungura se?
7. Nizehe ingingo zigaragaza ko Ndabaga yari afite umutima wagitwari?
8. Nyuma yo kwemeranya gukura se ni ayahe mabanga ndabaga yahishaga bagenzi be?
9. Ese Ndabaga yambariye umwami ubutuku sobanura?
10. Ndabaga atumizwa n' umwami kwisobanura byavuye kuki?
11. Sobanura aya magambo:

a. Umwana biramudidanira

b.ikinyapfura

12. Ni ikihe kibazo umwami yabajije Ndabaga bari kumwe?
13. Ni iki kerekana ko Ndabaga yari umwana wubaha?
14. Uhereye kuri ndabaga ubwe, tanga imigani ibiri migufi yajyana n'uyu mwandiko?
15. Tanga imbusane zaya magambo:-ikinege ≠ , -ubwangavu ≠
16. Ni utuhe turere nyamateka tuvugwa muri iyinsigamigani?
17. Iyi nsigamugani iri mu buhe bwoko?
18. Umwami abwira ko ndabaga yaba ari umukobwa yarabyemeye? Sobanura.
19. Ababeshyaga i Bwami yahanishwaga iki?

**Umusaruro w'inyigisho 1.4: Guhina insigamigani n' igitekerezo cyo muri rubanda akurikiranya neza ingingo.**

**Ihinamwandiko**

Ubu ni uburyo bwo gusubiramo inyandiko y'undi utabigize ijambo ku ijambo ariko kandi utagize ingingo ibumbatiye ubutumwa-ngirakamaro uzimiza.

**Imiterere**: Mbere na mbere uhina agomba kumenya ubwoko bw'umwandiko agomba guhina.

Bibe se ari: *umuvugo – icyivugo – igisigo – indirimbo – ibaruwa – indondore* n'ibindi. Buri bwoko bugira uburyo bw'imyandikire butandukanye n'ubundi. Indondore zigira **ibika**, indirimbo zikagira **ibitero**, **n'inyikirizo** mu gihe ibisigo cyangwa se imivugo bigira **amabango - imikarago** ndetse n**'impakanizi**. Birumvikana rero ko bitahinwa kimwe.

- **<u>Ibigenderwaho mu ihinwa ry'umwandiko</u>**

1. **Kumva umwandiko no kugaragaza ingingo z'ingenzi**.

Ntabwo ubutumwa bwose umwanditsi yanditse buba bufite agaciro karinganiye. Ashwi da! Ahubwo hari iziba zihatse izindi. Hakaba rero n'iziza zigaragiye izindi.

Uhina umwandiko arabanza agasoma abyitondeye inshuro zirenze imwe maze bikamuhesha kubasha kujonjora ingingo. Agomba gukurikiranya izo ngingo rero akurikije agaciro kazo.

Henga dufatire urugero ku **buzima**: **Umuntu aravuka – akonka– akamera amenyo – akamera amabere/ubwanwa – akamera imvi – agapfa.** Ubwo rero uhina yandika gusa za ngingo z'ingenzi akirengagiza za zindi zigaragira.

1. **Imiterere y'umwandiko uhinwa – kwandika ku murongo.**

Iyo uhina umwandiko uwo ariwo wose uwandika mu buryo bw'**indondore** kandi hakubahirizwa amategeko y'imyandikire.

2. **Imigaragarire**: Isuku ni ingenzi cyane mu ihinamwandiko.Uwandika ku buryo busomekera neza.

**Imyandikire y'ururimi:** Uhina umwandiko yubahiriza amategeko y'imyandikire y'ururimi, kandi agakoresha utwatuzo neza.

- Vuga iherezo rya Ndabaga mu magambo make (wubahirize neza ingingo)

**Umusaruro w'inyigisho 1.5: Gutarama akoresheje ubuvanganzo bwizwe.**

**Umwitozo**

- Shaka indi nsigamugani, iri mu bwoko bumwe n'iyi tumaze kubona hanyuma uyivuge imbere ya bagenzi bawe.''

## Imbumbe 2. Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye agaragaza ibyiza by'uburinganire n'ubwuzuzanye, itandukaniro ry'amazina bwite n'amazina rusange n'imiterere y'isanisha ryo mu bisekuru.

**Umusaruro w'inyigisho 2.1: Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye uwiga agaragaza ko yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye abinyujije mu ngiro zinyuranye.**

**UMWANDIKO: MWANANKUNDI ATERANYA INAMA**

Inama yatangiye nk'igihe cy'agasusuruko. Ubwo bose bari bamaze guterana. Mbese n'uwaraye i Muhero yari yahageze! Igihe bicaye bategereje, babona umukobwa aje akikijwe na Sandi n'igisonga cy'umwami. Bagize batya babona yurijwe indengo, aherako arambura amaboko aramutsa imbaga y'abantu bari bateraniye aho, kandi bari bafite amatsiko yo kumva icyo ari buvuge. Abicaye mu ndango baratangira baratanguranwa bakoma amashyi kugirango rubanda ibonereho. Koko rero biba bityo, bose barasamara bakoma amashyi. ariko benshi muri bo ari urwiyerurutso. Ubwo yongera kuraranganya amaso hirya no hino, abonye uburyo bose bakeneye kumva ijambo rye, aherako aramwenyura. Arahindukira, ati "yemwe bagabo, nimugire umwami mu gihugu. Ubwo inkwenene barayiha ariko banga gusakuza igihe kitaragera. Wasangaga bamwe bavuga rwihishwa, ngo twaherutse amahoro atangwa n'Umwami, none n'abagore basigaye bayafitemo iruhare runini. " Sandi yagezaga aho yabona urusaku rubaye rwinshi, agahuguruka akararanganya amaso hirya no hino, bakabona kurworoshya. Mubyo bavugaga wasangaga bagira, bati"genda shahu niko bisanzwe koko uhagarariwe n'Ingwe aravoma!"

Mwanankundi akomeza gusobanurira abantu intego afite;ati "sinshaka ko umugore ategeka umugabo;ahubwo ngashaka ubwumvikane hagati y'abategeka urugo rwabo. Umugore si umuja mu rugo; ahubwo ni umufasha w'umugabo, kandi niwe mujyanama we; basangira

amategeko mu rugo, bagafatanya kurera abo babyaye. Umwana iyo arumbye ntagomba guharirwa nyina, ngo "genda uri uwa nyoko!" uko Imana yaremye abantu, buri wese afite umurimo ashinzwe. Ariko kandi umugore ntagomba guhera kuri rukara ngo ubuzima bube ubwo. Umugabo kandi ntagomba kwiharira amategeko y'urugo wenyine' agomba gufatanya n'umufasha we Imana yamuhaye ntihagire uzimba undi. Ibyo birasanzwe ababyeyi bombi ntibagomba kuba bamwe neza kuko n'imirimo yabo itandukanye.

Nyamara ariko, uko iyo mirimo itandukanye, ntiwashobora kuvuga, uti"uriya murimo niwo ukomeye kurusha uyu; kuko iyo ikintu kibuze urugingo na rumwe, kiba cyononekaye!" Ntiwabasha kuvuga, uti "ijisho ryange riruta ugutwi kwange; kuko byose iyo biteranye bivamo umubiri wuzuye!" Umugore na we utagira umugabo, uwo muryango uba ubuze ikintu kinini. Sinavuga ko ugutwi kwange kuruta ijisho ryanjye. Sinavuga kandi ko ijisho riruta ugutwi. Ubwo rero sinashobora no kuhagira igice kimwe cy'umubiri wanjye ngo nihorere ikindi. Kuki se mugirira neza umugabo mukibagirwa umugore? Bose ntibagize umuryango umwe? Reka mbacire akagani gatoya: umugore w'umupfu yagiye gushigisha inzonga, yigira iyi nama: amasaka yanjye aseye neza aragogoye, kandi ikibindi nacyo kirogeje neza ariko nabuze amazi meza, ubwo ntibimbuza gushigishira umugabo wanjye inzoga. Aho yemwe agushyiriramo n'umusemburo utagira uko usa ati"ubwo ifu ari nziza, kandi n'umusemburo ukaba mwiza, amazi siyo azanyicira inzoga. "

Bukeye, ati reka njye gusogongera inzoga yanjye. Asingira umuheha, ashinga mu kibindi ariko atangazwa n'uko wanze gutobora. Agerageza kuwushingamo, azamuye asanga inzoga yafatanye kera. Ayoberwa icyabiteye. Ariko hari uwo yaje kuganyira, nawe aramubwira ati uramenye ikiziba ntikigira inzoga; ubona yewe niyo wagira umusemburo uhiye bimeze bite! Umugore arumirwa cyane, ahera ubwo amenya ko ibyiza bibyara ibyiza ibibi kandi bikabyara ibibi. Ibyiza birimo kandi, ikibi ntibishobora kubyara ibyiza, kirazira.

Bagabo b'Umwami, umuryango ugizwe n'umugabo n'umugore n'abana. Iyo umwe muri abo ari mubi, umuryango wose uba mubi. Mwanankundi akomeza kuvugira umwari na nyina ibyo yishweho n'ibyo yazize ku maherere; mbese arazikura amarayo. Umugore nawe ahora yicaye atangira kumva ko yapfuye rubi ndetse bitavugwa. Aza kwibutsa umugabo ko inkwano atanga Atari ikiguzi gikumbanya ahubwo ko ari ishimwe rihabwa ababyeyi. Inka iragurwa ikabagwa cyangwa igatungwa. Umuntu rero atandukanye n'inka cyane. Umwari

niwe ugomba kwishimanira n’umusore, bagasabana. Si nyina w’umukobwa cyangwa Se bagomba gushimira umukobwa umusaba. Iyo bishimaniye, n’imibanire yabo usanga imeze neza cyane. Umukobwa guhera mu mbere y’iwabo ni ukumudindiza bikomeye akazahera mu bujiji. Akwiriye gusohoka, ariko bakamurinda ngo nejo atararuka. Agomba gusohoka agahura na bagenzi be bakungurana inama bagashaka uburyo bwo kugera ku majyambere. Amajyambere si ay’umwe, ashakwa na bose, bagafatanya.

Mwanankundi akomeza kubwira abantu nabo barumirwa bati “rubanda irabyara koko!” abagore banyuzamo ugasanga baranyuzwe, bagakoma mu mashyi bagasakuza cyane, naho abagabo bakanyikwa, bagasuhuza umutima bakishima mu mutwe, bakikoroza. Mwanankundi agejeje aho, ati”sinashobora kurondora ibibangamiye umwari na nyina kuko ari byinshi. Kandi ubundi ababigira nabo babirenza amaso babireba. ababigirirwa bo rero, kera baratatse Babura kivuna, baherako bavunira agati mu ryinyo ngo yebaba umuryango udasenyuka. Noneho rero umenya Rurema yumvise gutaka kwabo irabibuka, iranyohereza ngo mbatabare. Ubutumwa maze kubashyikiriza, mubufate uko nabubabwiye, ntimwiyumvire ibyo mushaka. Ibyo maze kubabwira nizeye ko bihagije ubutaha nzaganira n’abakobwa n’abagore banyu ukwabo. Uyu munsi nashatse kwereka abagabo imigambi mfite n’ibyishimo tuzagira umunsi bayikurikije. Ahasigaye mugire amahoro n’umwami.

Abagore barahaguruka baterera imyenda yabo hejuru bavuza impundu, basingira wa mukobwa bamutwara mu maboko. Bamwe baramuhobera, abandi bamwikubita imbere barapfukama yibaza uko yabigobotora. Abagabo nabo bagenda abutarora inyuma, bahasiga abagore babo, bagenda barema udutsiko tw’abagambanyi inzira zose. Umugore yabanyuraho ngo wiriweho ga maweya! Abandi ngo ubure kugira, uti”mwiriweho ga abantegeka! Mawe urabitinyuka gutuka abakuru! Ni mvuko rushyana inkoyoyo; namwe murabireba mbese!”

**Umusaruro w'inyigisho 2.2: Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza**

- **Utwatuzo**

Utwatuzo ni utumenyetso tutari inyuguti dukoreshwa mu nteruro kugirango usoma cyangwa uvuga abashe kwitsa cyangwa kuruhuka no kwerekana ubwoko bw'interuro.

Utwtuzo turimo amoko abiri: **utwatuzo dusoza interuro** (akabago, akabazo n'agatangaro) **n'utwatuzo dukoreshwa hagati mu nteruro** (akitso, akabago n'akitso, uturegeka, utubago tubiri, udukubo, akanyerezo, utwuguruzo n'utwugarizo, udusodeko, agakoni kaberamye,…)

- **Imikoreshereze y'utwatuzo**

1. **Akabago/akadomo (.)**

Akabago cyangwa akadomo gasoza interuro ihamya n'interuro itegeka.

**Ingero:**

- Umunyeshuri mwiza yita ku masomo ye**.**
- Utazi ubwenge ashima ubwe**.**
- Mukamana aritonda**.**
- Kosora uriya mwitozo.

2. **Akabazo (?)**

Akabazo gasoza interuro ibaza.

**Ingero:**

- Muzajya mu rugendo shuri ryari**?**
- Wagize amanota angahe ku ijana**?**

3. **Agatangaro (!)**

Agatangaro gasoza interuro itangara, kagashyirwa n'inyuma y'amarangamutima.

**Ingero:**

- Mbega ukuntu hano hantu ari heza**!**
- Ntoye agasaro keza disi weee**!**

4. **Akitso (,)**

Akitso gakoreshwa mu nteruro kugira ngo bahumeke akanya gato.

**Ingero:**

- Umunyeshuri ushaka kumenya ubwenge**,** yirinda gusiba**,** ntakubagane mu ishuri kandi agakurikiza inama z'umwarimu.
- Abagiye inama**,** Imana irabasanga.
- Ugira Imana**,** agira umugira inama.

5. **Uturegeka (…)**

Uturegeka dukoreshwa iyo berekana irondora ritarangiye, interuro barogoye cyangwa iyo mu nteruro hari ijambo bacikije.

**Ingero:**

- Mu bikoresho bya kinyarwanda habamo: ibibindi, ibyansi, ishoka, ibitebo, isekuru**…**
- Barakuzira ngo bagere ku Mukinanyana bahahurira na mwene**…**na ko simuvuze nzamuvumba!

6. **Utubago tubiri (:)**

Utubago tubiri dukoreshwa mu nteruro iyo hari ibigiye kurondorwa, gusobanurwa cyangwa iyo bagiye gusubira mu magambo y'undi. Dukoreshwa kandi inyuma y'ingirwanshinga **-ti , -tya , -tyo** n'ijambo **ngo.**

**Ingero:**

- -Umwana wange yiga byinshi akiri muto**:** Imibare, Ikinyarwanda, Igifaransa, Ubumenyi bw'isi n'ibindi.
- Mariya ati**:** " Ibyo uvuze bingiriirweho."
- Mu Kinyarwanda baravuga ngo**:** "Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge."

7. **Akabago n'akitso (;)**

Akabago n'akitso bikoreshwa mu nteruro kugira ngo batandukanye inyangingo ebyiri ziremye kimwe kandi zuzuzanya.

**Ingero:**

- Gusoma neza si ugusukiranya amagambo**;** gusoma neza ni no kumva ibyo usoma.
- Kuvuga neza si ugusukiranya amagambo gusa**;** kuvuga neza ni ukumvikanisha igitekerezo cyawe**.**

8. **Utwuguruzo n'utwugarizo (" ")**

Utwuguruzo n'utwugarizo dukikiza amagambo y'undi asubirwamo, imvugo itandukanye n'imvugo isanzwe, cyangwa ingingo igomba kwitabwaho. Dukikiza amagambo ateruwe n'ingirwanshinga **-ti , -tya , -tyo** n'ijambo **ngo**. Dukoreshwa na none iyo hari inyito ikemangwa cyangwa kugira ngo bakikize amazinanteruro n'amazina y'inyunge agizwe n'amagambo arenze ane. Dukoreshwa kandi mu magambo y'amatirano atamenyerewe mu Kinyarwanda.

**Ingero:**

- Igikeri kirarikocora kiti: **"**Mpuriye he n'ibiguruka?**"**
- Nuko ya **"**nyamaswa**"** iravumbuka maze havamo umusore mwiza.
- Ubwo **"**Inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica**"**aba arahashinze.
- Ibyo nabisomye kuri **"**Internet**"** biratangaje.

9. **Akuguruzo n'akugarizo kamwekamwe (' ')**

Akuguruzo n'akugarizo kamwe kamwe dukoreshwa iyo utwuguruzo n'utwugarizo twinjira mu tundi mu nteruro.

**Urugero:**

- Umugaba w'ingabo ati: "Ndashaka ko **'**inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica**'**aza hano."

10. **Udukubo ( )**

a. Udukubo dukikiza amagambo cyangwa ibimenyetso bifite icyo bisobanura cyangwa icyo byuzuza mu nteruro.
b. Banadukoresha iyo bashaka kwerekana uko amazina bwite y'amanyamahanga yanditswe mu Kinyarwanda bayandika mu ndimi akomokamo.
c. Dukikiza umubare wanditse mu mibarwa mu nteruro iyo uwo mubare wabanje kwandikwa mu nyuguti.
d. Twerekana kandi ibihekane cyangwa inyuguti bidakunze gukoreshwa.

**Ingero**

- Umuyobozi w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko arugira inama arwumvisha ko kugira ngo rwizere kuzagira imbere heza **(**kuko abenshi muri rwo bishora mu ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge**)** rugomba kwirinda ibiyobyabwenge n'izindi ngeso mbi.
- Bisimariki (Bismarck)
- Kebeke (Quebec)
- Ekwateri (Equateur)
- Uzaba uwa mbere mu irushanwa azegukana igihembo cy'amafaranga y'amanyarwanda miriyoni (1 000 000 Rwf).

11. **Akanyerezo (-)**

Akanyerezo gakoreshwa mu kiganiro kugira ngo berekane ihererekanywa cyangwa iyakuranwa ry'amagambo.

**Urugero:**

- Sinakoze ikizamini.
- Wari uri he?
- Nari ndwaye.

Gakoreshwa kandi bakata ijambo ritarangiranye n'impera y'umurongo, bikurikije imiterere y'umugemo.

**Urugero:**

- Matayo yagiye i Huye ahurirayo na Semakabuza **bajya-na** gusura ingoro ndangamurage y'u Rwanda.

Kanakoreshwa imbere n'inyuma y'interuro ihagitse.

**Urugero:**

- Ejo nzajya kwiga **-** sinzi niba waramenye ko nasubiye mu ishuri **-** ntuzace hano sinzaba mpari.

12. **Udusodeko ([ ])**

Udusodeko dukikiza intekerezo cyangwa insobanuro bongeye mu mvugo isubira mu magambo y'undi.

**Urugero:**

- Yaravuze ati: "Sinshobora kurara ntariye inkoko **[**ayo yari amirariro**]**, keretse narwaye."

Dukoreshwa berekana ibyo banenga mu magambo y'undi.

**Urugero:**

- Yaranditse ati: "Ikinyarwanda ni ururimi ruvugwa n'abatu **[**ikosa**]** benshi muri Afurika yo hagati."

Tunakoreshwa mu magambo y'undi mu kugaragaraza ko hari ayavanywemo cyangwa yasimbutswe.

**Urugero:**

- Aravuga ati: "Nimureke abana bansange [...] ntimubabuze."

13. **Agakoni kaberamye (/)**

Agakoni kaberamye gakoreshwa mu kwandika amatariki, inomero z'amategeko no mu guhitamo.

**Ingero:**

- Kigali, ku wa 15**/**10**/**2012.
- Itegeko N° 01**/**2010 ryo ku wa 29**/**01**/**2010.
- Koresha yego **/** oya mu gusubiza ibibazo bikurikira.

➢ Wubahirije utwatuzo n'isesekaza, soma umwandiko "Mwanankundi ateranya inama"

**Umusaruro w'inyigisho 2.3: Gusubiza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko.**

1. **Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**

Agasusuruko, inkwenene, umuja, impundu, umwari.

2. Mu mwandiko ni irihe jambo Mwanankundi yitayeho?

3. Sobanura uburyo bakurikiye ijambo rya Mwanankundi

a) Abagabo

b) Abagore

4. Umukobwa akwiye gukora iki kugirango ave mu bujiji?

5. Ni ikihe kigereranyo Mwanankundi yakoresheje ashaka kumvisha abamwumvaga ko umugore n'umugabo buzuzanya?

6. Vuga ibintu Mwanankundi yifuzaga ko byakosoka byahoze mumuco nyarwanda bibangamira umwari n'umutegarugori.

7. Ni izihe ngamba Leta y'u Rwanda yafashe ngo irengere uburenganzira bw'abari

n'abategarugori?

8. Ni irihe somo ry'ingenzi ukuye muri uyu mwandiko?

**Umusaruro w'inyigisho 2.4: Guhina no guhimba umwandiko akurikiranya ingingo**.

- Mu gika kimwe kitarengeje imirongo icumi, sobanura muri make icyo umwandiko wavugaga.

**Umusaruro w'inyigisho 2.5: Kumurika ingero zifatika zihamya n'izibangamira uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango nyarwanda**

- Garagaza ingero eshanu zihamya n'ingero eshatu zibanngamira uruhare rw'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango nyarwanda.

- **Imwe mu migani ibangamira uburenganzira bw'umwari n'umutegarugori**
    - Uruvuze umugore ruvuga umuhoro.
    - Umugore arabyina ntasimbuka.
    - Iyo amazi yabaye make aharirwa impfizi.
    - Umugore uri ku mutiba ntabura umutima.
    - Umugore mukina agukinze umutima, wateba akagutambuka ajya gushaka imbere yawo.
    - Umugore w'ingare agirwa n'umugongo w'umuhoro.
    - Nta nkokokazi ibika isake ihari.
    - Umugore umwita shenge warimukuraho mukarwana.
    - Amafuti y'umugabo nibwo buryo bwe.
    - Umugabo ni myugariro.

**Umusaruro w'inyigisho 2.6: Gutandukanya izina bwite n'izina rusange no gukora isanisha riboneye ryo mu bisekuru.**

**INSHOZA Y'IZINA**

Izina ni ijambo cyangwa ikoraniro ry'amagambo rivuga umuntu, ikintu, inyamaswa, ahantu, n'imana kugira ngo bitandukane n'ibindi.

**Ingero**: abana, ibiti, Kamali, Ruhaya, Bwishyura, Nyagasani…

**1. AMOKO Y'AMAZINA**

Amazina ashyirwa mu moko hakurikijwe ibyiciro bitatu: inyito, intego n'inkomoko.

**Dukurikije inyito, amazina arimo ibyiciro bibiri:**

**a. Izina bwite**: rihabwa umuntu uzwi, ikintu kizwi, ahantu hazwi bikagira ibyo byihariye bibitandukanya n'ibindi.

**Ingero:** Kamanzi, Mpano, Murebwayire, Rwanda, Nyungwe, Kivu…

**Ikitonderwa:** Izina bwite ritangizwa n'inyuguti nkuru n'iyo ryaba riri hagati mu nteruro.

Izina bwite ntirijya mu bwinsi kandi ntirigira uturemajambo (ntirisesengurwa)

**b. Izina rusange**: Izina rusange ni ijambo rigenerwa byinshi bifite icyo bihuriraho cyangwa benshi kuko bafite icyo bahuriraho.

**Ingero:** umwarimu, ibirunga, umuryango, imodoka, ishuri…

**AMASANO YO MU MURYANGO**

| ISANO | NYAKUVUGA | NYAKUBWIRWA | NYAKUVUGWA |
|---|---|---|---|
| Umubyeyi w'umugabo | Data | So | Se |
| Umubyeyi w'umugore | Mama | Nyoko | Nyina |
| Umuvandimwe muhuje igitsina | -Murumuna (uwo uruta)<br>-Mukuru (ukuruta) | - | - |
| Umuvandimwe mudahuje igitsina | -Mushiki (iyo ari umukobwa<br>-Musaza (iyo ari umuhungu) | - | - |
| Se wa so cyangwa wa nyoko | Sogokuru | Sogokuru | Sekuru |
| Nyina wa so cyangwa wa nyoko | nyogokuru | Nyogokuru | Nyirakuru |
| Sekuru wa so cyangwa wa nyoko | Sogokuruza | Sogokuruza | Sekuruza |
| Mushiki wa so | Nyogosenge | Nyogosenge | Nyirasenge |
| Musaza wa nyoko | Marume | Nyokorome | nyirarume |
| Mukuru cyangwa murumuna wa so | Data wacu | So wanyu | |
| Murumuna cyangwa mukuru wa nyoko | Mama wacu | Nyoko wanyu | Nyina wabo |
| Murumuna cyangwa mukuru w'umugore wawe | Umugore wacu | Umugore wanyu | Umugore wabo |
| Musaza w'umugore wawe | Muramu | - | - |
| Mushiki w'umugabo wawe | Muramukazi | - | - |
| Umwana wa musaza wawe | Umwisengeneza | - | - |
| Umwana wa mushiki wawe | Umwishywa | - | - |
| Umwana wa nyogosenge | Umubyara | - | - |
| Umugabo w'umukobwa | Umukwe | - | - |

| | | | |
|---|---|---|---|
| wawe | | | |
| Umugore w'umuhungu wawe | Umukazana | - | - |
| Se w'umugore cyangwa w'umugabo wawe | Databukwe | Sobukwe | Sebukwe |
| Nyina w'umugorecyangwa w'umugabo wawe | Mabukwe | Nyokobukwe | Nyirabukwe |
| Abayeyi b'umukwe cyangwa b'umukazana wawe | Bamwana | - | - |
| Uwo mwashatse mumuryango umwe | Musanzire | - | - |

**Ikitonderwa**: Imyanya irimo utunyerezo biravuga ko babivuga nk'uko byavuzwe mu mwanya wa nyakuvuga.

## Imbumbe ya 3: Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye uwiga agaragaza ko yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko y'uburenganzira bw'umwana no kugaragaza amategeko y'igenamajwi mu izina mbonera.

**Umusaruro w'inyigisho 3.1: Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye, uwiga agaragaza ko yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko y' uburenganzira bw'umwana abinyujije mu ngiro zitandukanye.**

**UMWANDIKO: UBURENGANZIRA BWA MUNTU**

Uburenganzira bwa muntu nti butangwa, ntibugurwa, nti bugabanywa, nti buhakirwa, nta nubwo ari umurage w'ababyeyi cyangwa w'umuntu uwo ari we wese; uburenganzira bwa Muntu bugirwa na buri wese kandi tubuhabwa nyine na kamere muntu tuvukana. Uburenganzira bwa Muntu ni bumwe ku bantu bose hatarebwe ubwoko bwabo, igitsina, idini, ururimi bavugamo, ubwenegihugu, umutungo bafite, icyiciro cy'abaturage bavukamo, ibitekerezo byabo, byaba ibya politiki cyangwa ibindi.

Abantu bose iyo bava bakagera bavuka bigenga kandi bareshya mu cyubahiro n'imbere y'amategeko. Nta mpamvu n'imwe ishobora gutoma hagira uwamburwa uburenganzira bwa Muntu. Abantu bafite uburenganzira kabone n'ubwo amategeko y' ibihugu yaba atabibemerera cyangwa abubangamira.

Kugirango abantu bose babeho mu cyubahiro bagomba kugira uburenganzira bukurikira, nta nabumwe bushyizwe kuruhande: kwishyira ukizana, kugira umutekano no kugira imibereho myiza. Uburenganzira bwa Muntu ntibugabanywa ntibusubizwa inyuma.

Uburenganzira bwa Muntu bushimangirwa n'amategeko. Ayo mategeko ni amatangazo n'amasezerano mpuzamahanga ibihugu biba byaremeye bikanayashyiraho umukono. Ingero: Itangazompuzamahanga ryerekeye uburenganzira bwa muntu ryo kuwa 10 ukuboza 1948 u Rwanda rwashyizeho umukono kuwa 18 nzeri 1962, bityo riba ryinjijwe mu mategeko y'u Rwanda; amasezerano y'Afurika yerekeye uburenganzira bwa Muntu n'ubw'abaturage; u Rwanda rwayemeye kuwa 17 Gicurasi 1973, kuwa 11 Ugushyingo 1981 ruyinjiza mu mategeko rugenderaho, …

Amategeko igihugu cyishyiriraho arengera uburenganzira bwa Muntu. lngero: itegeko rirengera uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa; itegeko rihana ivangura no gukurura amacakubiri. Indi soko y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu ni urusobe rw'ingingo ndemagaciro zigize umuco. Hari ingingo z'umuco nyarwanda zishimangira uburenganzira bwa muntu (kugira umutungo bwite, kugira uburenganzira bwo gushaka, kutica umwana cyangwa umugore mu ntambara;"Intumwa irarabirwa ntiyicwa. " "nyirumuringa iyo aje utega akaboko"…), n'izindi ngingo z'umuco zibangamira uburenganzira bwa Muntu (kwica rubozo umushimusi w'inka, kuroha umukobwa watwaye inda y'indaro;"inkeho ikubitirwa mu rwayo;" "intare ikwicira inka ikakurusha uburakari;" "impfubyi irya akayo ikibye. "

Imyumvire y'uburenganzira bwa Muntu ishingiye ku mahame remezo akurikira: agaciro ka muntu karuta byose; kureshya kw'abantu mu gaciro no mu burenganzira; ukwishyira ukizana(ubwisanzure cyangwa ubwigenge); guharanira buri gihe kugira imibereho myiza; ubusabane.

Agaciro ka muntu karuta byose ni icyubahiro gifitwe na buri wese nk'ikiremwamuntu. Umuntu, kubera kamerer ye, avukana ubwigenge n'icyubahiro ntagereranywa akomora kuri

iyo kamere. Ako gaciro ni ntagereranywa kubera ko ntakindi kiremwa tuzi gisumba umuntu ku isi. Umuntu rero ubuze ako gaciro aba abuze ikintu kingenze mu mibereho ye. Agacirontagereranywa ka muntu kagaragarira mu cyubahiro ahabwa no kubburyo abandi bamubona cyangwa bamufata. Urugero: kirazira rwose gukorera ubushakashatsi ku bantu mu gihe batabyiyemereye bo ubwabo cyangwa mu gihe bishobora kubagiraho ingaruka zikomeye.

Mu myumvire rero y'uburenganzira bwa muntu tugomba kumenya ko buri muntu wese afite agaciro ntagereranywa, kagomba kubahwa no kubahishwa. Niyo mpamvu amategeko y'u Rwanda ahana uwo ariwe wese wiha gutuka no gutesha umuntu agaciro. Kubyerekeranya no kureshya kw'abantu mu gaciro no mu burenganzira;"abanttu bose, iyo bava bakagera, bavuka bareshya mu gaciro no mu cyubahiro. " Ibi ni ibivugwa mu ngingo ya mbere y'itangazo mpuzamahanga k'uburenganzira bwa Muntu. Gufata rero abantu bose kimwe imbere y'amategeeko niyo ntango y'ibanze y'uburenganzira bw'ikiremwa muntu.

Ivangura iryo aririyo ryose, ryaba rishingiye ku bwoko, ku ibara ry'umubiri, ku gitsina, ku rurimi, ku idini, ku mibereho, k'ubukungu n'ibindi rinyuranyije niryo hame ryo kureshya mu gaciro no muburenganzira. Ni nayo mpamvu amasezerano yose n'amahame mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa Muntu abuza ko ubuyobozi bukorera ivangura igice kimwe cy'abaturage.

Icyo tugomba kumenya ni uko kureshya bitavuga gusa neza neza kuko mu mibereho y'abantu, bamwe bashobora kugira ubushobozigusumbya abandi. "kureshya"ntibisobanura ko abantu bagomba kugira ubukire bumwe cyangwa ubwenge bungana. Ariko rero mu ivuka no mu mibereho` itegeko rigomba guteganyiriza abantu amahirwe angana.

Niyo mpamvu nka bumwe mu burenganzira, (uburenganzira bwo kwiga, uburenganzira ku burezi, uburenganzira ku murimo, uburenganzira k'ubwiteganyirize …) bwemerewe abantu bose mu masezerano mpuzamahanga. Buramutse butariho abantu bamwe baba ari injiji, abarwayi, abashomeri n'abatindi mu gihe abandi baba bajijutse bavurwa neza, bakora kandi barateye imbere.

Urugero: amasezerano mpuzamahanga ategeka ibihugu byayashyizeho umukono kureka abana bose bakigira ubuntu mu mashuri abanza kandi kwiga bikaba itegeko kuri buri wese, naho ayisumbuye n'amakuru abantu bakayigamo nta busumbane.

Ukwishyira ukizana ni ngombwa kandi bikenewe na buri muntu kugirango atere imbere. Nta gaciro ka muntu nta no kureshya byashoboka nta bwisanzure buhari. Nta bwisanzure buhari iterambere ry'abantu ryaba ari igicagate. Mu mateka y'isi abantu bagiye bemera guhara amagara yabo kugira ngo babashe guharanira uburenganzira bw'ibihugu byabo n'ubwabo. Kwisanzura bishatse kuvuga ko umuntu yishyira akizana muri byose, ariko bigakorwa mu nzira zemewe n'amategeko n'amabwiriza yose ya ngombwa hagamijwe kubungabunga umutekano rusange no kubahiriza uburenganzira bw'abandi.

Mu buzima ni ngombwa buri gihe kugira imibereho myiza. Ingingo ya 25 y'itangazo mpuzamahanga ku burenganzira bwa muntu ivuga ko umuntu wese afite uburenganzira bwo kubona ibyangombwa nkenerwa kugirango we n'umuryango we bashobore kugira imibereho myiza, nko kubona ibibatunga, icyo bambara, icumbi, gushobora kwivuza n'ibindi bikorwa biteza imbere imibereho y'abaturage.

Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira muby'ubukungu, imibereho myiza n'umuco nayo ashimangira iryo hame mu ngingo yayo ya 11 aho agira ati"ibihugu byasinye aya masezerano byubahiriza uburenganzira bwa buri muntu bwo kugira imibereho myiza ihagije kuri buri wese n'umuryango we, no kugira imirire, imyambarrire, n'aho atuye bihagije, ndetse n'ubwo kuzamura imibereho ye. Ibihugu byemeye aya masezerano bifata ibyemezo byihariye kugirango ishyirwa mu bikorwa ry'ubwo burenganzira bigenwe mu bufatanye mpuzamahanga bwemewe nta gahato.

Abantu bose bagomba kugenzerezanya kivandimwe, mu bwubahane, bagomba gufashanya kuko "nta ngizi yigize" "kandi inkingi imwe ntiyubaka inzu" gusabana rero ni ngombwa ku bantu bose.

Uburenganzira bwa muntu ni bwubahirizwe mu Rwanda ndetse no mu isi yose.

Bifatiye kubyo muri, komisiyo y'amatora, uburere mboneragihugu ku matora mu Rwanda (imp. 18-21).

**Umusaruro w'inyigisho 3.2: Gusoma neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza**

- Wubahirije utwatuzo n'isesekaza, soma umwandiko w'uburenganzira bw'ikiremwamuntu

**Umusaruro w'inyigisho 3.3: Gusubiza neza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko**.

**Subiza ibibazo bikurikira:**

1. Vuga ingingo zigaragaza uburenganzira bw'ikiremwamuntu ziri muri uyu mwandiko?

2. Erekana ibintu bivugwa mu mwandiko byabangamira uburenganzira bwa muntu.

3. Ushingiye k'umwandiko sobanura uburenganzira bw'ikiremwamuntu?

4. Tanga uburyo butatu bwakoreshwa mu kubungabunga uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

**Umusaruro w'inyigisho 3.4: Guhina no guhimba umwandiko akurikiranya ingingo**.

**IHANGAMWANDIKO**

Ihangamwandiko ni uburyo umuntu y'ifashisha yandika ibitekerezo, ibyifuzo cyanwa inkuru ashaka kugeza kubandi.

**IBICE BIGIZE UMWANDIKO**

Umwandiko usanzwe ugizwe n'ibice bitatu ari byo: intangiriro, igihimba, n'umusozo.

**Intangiriro**

Intangiriro ni cyo gice kibimburira umwandiko. Umwanditsi atangira amenyesha ibyo agiye kuvuga ariko atabiva imuzi kuko aba ari bubivuge mu gihimba. Avuga gusa mu magambo make ashoboka cyangwa akavuga ingingo ari buvugeho mu gihimba.

**Igihimba**

Mu gihimba, umwanditsi avuga mu magambo arambuye ingingo zose yakomojeho mu ntangiriro. Ahera ingingo ku ngingo, yirinda kuvanga ingingo zidafite aho zihuriye. Buri ngingo igomba kugira umwanya wa yo. Hari abakurikiranya ingingo bava ku ziremereye kurusha izindi, bajya ku zoroheje, hakaba n'abazikurikiranya bava ku zoroheje bajya ku

zirusha izndi uburemere. Igihimba kigirwa n'umubare w'ibika runaka bitewe n'umubare w'ingingo zivugwaho.

**Umusozo**

Umusozo ni cyo gice kirangiza umwandiko. Muri iki gice umwanditsi ashobora kongera kuvuga ku ngingo yari yavuze mu magambo make (ariko adasubiye mu magambo yakoresheje mu ntangiriro), ashobora gutanga umwanzuro cyangwa ibyifuzo bye ku ngingo amaze kuvugaho.

Intangiriro n'umusozo biba ari bigufi cyane ugereranyije n'igihimba.

Ingingo z'ingenzi z'umwandiko Ingingo z'ingenzi zigize umwandiko ni ibitekerezo bitandukanye, bifitanye yangwa bidafitanye isano bikubiye mu mwandiko.

- Mu magambo make garagaza uburyo ikiremwamuntu gikwiriye guhabwa uburenganzira. (Igika kimwe kitarengeje imirongo umunane)

**Umusaruro w'inyigisho 3.5: Kumurika ingero zifatika zihamya n'izibangamira uburenganzira bw'umwana mu muryango**.

- Tanga ingero eshanu zifatika zihamya uburenganzira bw'umwana, utange n'ingero eshanu zibangamira uburenganzira bw'umwana.

**Umusaruro w'inyigisho 3.6: Gutandukanya inshoza z'ubuke, ubumwe n'ubwinshi no Kugaragaza intêgo n'amategeko y'igenamajwi by'izina mbonera.**

**INSHOZA Y'IZINA MBONERA GAKONDO**:

Izina mbonera gakondo ni izina risanzwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda atari amatirano. Hariamazina twita gakondo n'andi y'amatirano; ni ukuvuga ayo ururimi rwatiye cyangwa rwahashyemu zindi ndimi.

- **Amazina gakondo**

**Ingero :**- Umuhungu, amazi, umuriro,Kalisa

- **Amazina y'amatirano :**

**Ingero :**

- Ishati rikomoka ku cyongereza **« Shirt »**

- Ishuri rikomoka ku kidage **« Schule »**

- Imodoka rikomoka ku cyongereza **« motor-car »**

- Umushoferi, rikomoka ku gifaransa "**chauffeur"**

- Isaha, rikomoka ku giswahili **"saa"**

- Ikaye, rikomoka ku gifaransa **"cahier"**

i. **UBUMWE N'UBWINSHI**

Izina rusange rishobora kuba mu bumwe (rikavuga ikintu kitarenze kimwe, umuntu utarenze umwe) cyangwa rikaba mu bwinshi (rikavuga ibintu birenze kimwe cyangwa abantu barenze umwe).

| No | ijambo | ubumwe | ubwinshi |
|---|---|---|---|
| 1 | Ishuri | ishuri | amashuri |
| 2 | umurimo | umurimo | imiriro |
| 3 | umwenda | umwenda | imyenda |
| 4 | akarere | akarere | uturere |
| 5 | umukecuru | umukecuru | abakecuru |

**Ikitonderwa:**

Hari amazina utavugira umubare n'ubwo mu ntego usanga amwe yaba ay'ubumwe andi akaba ay'ubwinshi.

Ingero:

| No | Ahora mu bumwe | Ahora mu bwinshi |
|---|---|---|
| 1 | isuku | Amahoro, amahane |
| 2 | imvura | Ubuntu, ubukire |
| 3 | ipfunwe | Ubwenge, ubukene |
| 4 | ituze | Ubwiza, ububasha |
| 5 | isuri | Amagepfo, impuhwe |
| 6 | ijuru | Amajyambere, inzozi |
| 7 | isi | Ubumuga, isoni |
| 8 | urubura | Amazi, ubuki |

- Hari amazina agaragaza ubumwe cyangwa ubwinshi iyo ari mu nteruro:

**Ubumwe**: inka yororewe mu kiraro itanga umusaruro mwinshi.

**Ubwinshi**: inka zororewe mu kiraro zitanga umusaruro mwinshi.

- Hari amazina agira ubwinshi bunyuranye: inzu-amazu, ubwato- amato, inzira-amayira.

**Uturemajambo (intếgo) tw'izina mbonera rusange:**

Izina mbonera gakondo rigira uturemajambo dutatu:

- Indomo
- Indanganteko
- Igicumbi

**a. INDOMO (D)**

Indomo ni akaremajambo kagizwe n'inyajwi iterura izina(ibanziriza izina).

Izina rishobora gutakaza indomo iyo ritangiriwe n'impakanyi NTA cyangwa ukarikoreshaho akajambo kabaza **ki**. Ushobora no kwifashisha amagambo ahamagara **yewe**, **mbe**, **wa**.....**we**, cyangwa ikinyazina ndafutura **ndi**.

Ingero:

- Inka……………………….Nta nka

- Ikibindi……………………Nta kibindi

- Urudodo…………………..Rudodo ki?

- Umugore…………………..Mugore ki?

- Umwana……………………Mbe mwana wa?

- Umugabo…………………..Wa mugabo we?

- Umuja………………………Undi muja.

- Abahinzi……………………Mwa bahinzi mwe?

**IKITONDERWA:**

Uturemajambo twagiye dutakara ari two **i, u, na a**; ni Indomo.

**b. IGICUMBI (C)**

Iyo ugoragoje izina mbonera uritubya uritubura, ugashyira mu bwinshi no mu bumwe; mbese

Ukarigaragura; hari agace karyo kagenda kagaruka bityo kakitwa IGICUMBI.

**Urugero:**

- Umuntu: aba**ntu** – utu**ntu** – uru**ntu** – iki**ntu**

Nurora urasanga **ntu** yakomeje kugaruka. Ahari reka twongere dufate urundi rugero:

Umwari: Ab**ari** – utw**ari** – urw**ari**

Nanone **– ari** yakomeje kugaruka. Bivuze ngo mungero zacu – **ntu** na –**ari** ni ibicumbi by'ayo magambo.

**c. INDANGANTEKO (RT)**

Iyo umaze kugoragoza ukabona indomo ndetse n'igicumbi, akaremajambo gasigara hagati ya

y'utundi kitwa Indanganteko. Kakaba ari ko kamenyesha inteko ijambo riherereyemo.

**INTEKO Z'AMAZINA**

Kugira ngo interuro koko ibe ari interuro mbonezamvugo, amagambo ayigize agomba kuba ari mu mwanya ukwiye. Ayo magambo agomba kugaragaramo isano afitanye, kandi kuyasanisha nabi biyahindura interuro ikocamye, nyobyamvugo.

**URUTONDE RW'INDANGANTEKO Z'AMAZINA.**

Nt1.-**mu**- Umusore mugufi aragaragara ndamubona

Nt2. -**ba**- abasore bagufi baragaragara ndababona

Nt3. -**mu**- umurima munini uragaragara ndawubona

Nt4. -**mi**- Imirima minini iragaragara ndayibona

Nt5. -**ri**- Iriba rigufi riragaragara ndaribona

Nt6. -**ma**- Amariba magufi aragaragara ndayabona

Nt7. -**ki**- Ikibabi kinini kiragaragara ndakibona

Nt8. -**bi**- Ibibabi binini biragaragara ndabibona.

Nt9.-**n**- Inka nini iragaragara ndayibona.

Nt10. -**n**- Inka nini ziragaragara ndazibona

Nt11.-**ru**- Urukwavu runini ruragaragara ndarubona

Nt12.-**ka**- Akabati kagufi karagaragara ndakabona.

Nt13. -**tu**- Utubati tigifi turagaaragara ndatubona.

Nt14.-**bu**- Uburo bugufi buragaragara ndabubona.

Nt15. -**ku**- Ukuguru kugufi kuragaragara ndakubona.

Nt16. -**ha**- Ahantu hagufi haragaragara ndahabona.

- Kuri izi nteko 16 hiyongera ho inteko eshatu z'indangahantu.

Indangahantu ni ijambo ribanziriza irindi, rivuga aho umuntu cyangwa ikintu biherereye, cyangwa ahabera ikintu iki n'iki. Indangahantu ni ijambo rihora riremye urujyano, urwo rujyano rukabera inshinga ruhamwa cyangwa icyuzuzo.

Nt17. **Ku** (kuri) - ku ishuri, kuri Muhazi

Nt18**. Mu** (muri) - mu nzu, muri Mata hagwa imvura nyinshi, mu ma saa yine.

Nt19**. I** - I Gikondo, imuhira, epfo, ejuru, iburasirazuba…

**Ikitonderwa**

Isanisha rituma umuntu ashobora gutandukanya inteko z'amazina ahuje indanganteko nka nt1 na nt3, nt9 na nt10.

**Ingero**:

• Umugabo mugufi aragaragara ndamubona - umugozi mugufi uragaragara ndawubona.

• Insina ngufi iragaragaraa ndayibona – Insina ngufi ziragaragara ndazibona.

- Indanganteko ya 5 -ri-, igaragara mu magambo make kandi nabwo hakoreshejwe amategeko y'igenamajwi.

**Urugero**: iryinyo.

- Hari amazina menshi yo mu nt5 n'andi yo mu nt9, 10 usanga inyajwi "i" iyahagarariyemo indomo cyangwa indanganteko, wongera ijambo "gufi" kuri iryo zina, wasanisha ukabona indanganteko.

**Ingero**

- Izina (nt5)
- Iriba (nt.5)
- Ihene (nt.9, 10)
- Isuka, inzu (nt.9, 10)
- Intebe (nt.9, 10)
- Inzu (nt9, 10)

## AMATEGEKO Y'IGENAMAJWI

Mu gushaka uturemajambo tw'amazina haba ubwo dusigarana ibice bitasubirana ngo bigarure rya jambo tuba twahoranye. Iyo bimeze bityo hari amategeko agena uburyo ayo magambo yashobora gusubira uko yahoze akitwa amategeko y'igenamajwi.

**Zimwe mu ngero z'amategeko y'igenamajwi:**

1. Umwami: u-mu-ami

   D - RT - C (uturemajambo)

   u→w/-j (itegeko ry'igenamajwi)

2. Inzara: i-n-yara

   y→z/n-

3. Inzabya: i-n-abya

   n*→nz nt10 (ibicumbi bifata Z munteko ya cumi)

4. Inanga:i-n-nanga

   n→Øn-

5. Ibyatsi: i-bi-atsi

   i→y/-j

6. Igikari:i-ki-kari

   k→g/-GR

7. Indwara:i-n-rwara

   r→d/n-.

8. Imboga:i-n-boga

   n→m/-b

9. Udushyimbo:u-tu-shyimbo

   t→d/-GR

10. Imfizi:i-n-pfizi

n→m/-p , p→f/m-

## Imbumbe Ya 4. Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye uwiga agaragaza uburyo bunyuranye bwo kurwanya indwara no gusobanura intêgo n'amategeko y'igenamajwi muri ntera.

**Umusaruro w'inyigisho 4.1**: **Gukoresha Ikinyarwanda k'iboneye uwiga agaragaza ko yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko yerekeye kurwanya indwara mu ngiro zitandukanye**.

**UMWANDIKO: SIDA NTA MUTI NTA RUKINGO**

Hagati mu kwezi kwa gatandatu mfatwa n'indwara nari ntarabona. Ahajya mu byaziha by'iburyo hasesa ibiheri byinshi, mbanza kugirango ni icyambabye. Biranga biratutumba birakura bikajya bizamo amazi bikandya ku buryo bwihariye. Ntakintu nigeze numva kiryana nkiyo ndwara, yewe n'igise cyarahiriwe nticyandiye nkayo. Njya kwa muganga bampebya ko nta muti uyivura, bangira inama yo kurya ibiryo bifite vitamini kandi buri munsi nkajya ngenda bakantera ipasi mu mugongo. Njyeze aho natererwaga ipasi ni ho nabonye abandi barwaye nkanjye. Yari "zona. " Irambabaza igeze aho irakira. Wa mugiraneza anyongera amezi abiri yo kuriha inzu, ngo mbanze nkire. Nkira bya he, ko kuva ubwo indwara zagiye zinkuranwaho bikaba urudaca! Nijajaraga icyumweru, mu kindi nkaba ndi hasi. Nza kuremba njya mu bitaro, Mama aza kundwaza, musaza wanjye asigara imuhira ariko ntakahabe maze abajura barabasahura barabacucura. Ndoroherwa mama arataha. Amezi

abiri yari yarashize, nta ntege narimfite, ndirengagiza sinava mu nzu, shebuja wa Gasana na we atinya kunsezerera areba nta buzima.

Ntashye namaze ukwezi kumwe mu rugo nibwo nongeye kuremba ngaruka aha. Kuva ubwo kugeza ubu sindasubirayo. Mama ntiyongeye kugaruka kundwaza kuko ninjiye ibitaro ndi umurwayi wumvumva, nimbeshyerwe bari no kongera kumusahura utwari twarasigaye. Yabanje kujya atega imodoka nka kabiri mu cyumwera akangeraho bigeze aho amafaranga amushiraho. Hambere aha numvise ko ngo musaza wanjye yatwaye ipikipiki atarayimenya neza imukubita hasi none nawe akaba ari mubitaro. Singira uwu nasize inyuma, utuntu natubikije umuturanyi, singira untekera ngo angemurire, nitungiwe nabagira neza bakorera Imana. Abaturanyi sinabarenganya kandi ni mu gihe. Bakuru banjye barubatse, ntibata ingo zabo ngo baje kundwaza n'imbeshyerwe batatu muri bo ni indushyi zemeye kunambira abana gusa. Amafaranga y'imiti nyishyura kutwo nari narabitse. Ayo ibitaro uwari shebuja wa Gasana yarayishingiye. Mubyara wanjye ntakiba ino. Yararongowe akurikira umugabo we aho akora ku Gisenyi ngiyo impamvu ubona nabaye nk'utagira abanjye.

Nkigera hano, abaganga ntibatinze kumbwirako nanjye narwaye agakoko gatera SIDA. Cyakora nkaba nari narabiketse nkurije ukuntu bayivugaga n'ibimenyetso nibonagaho.

Ibyo bimenyetso kandi nabibonye ku bana banjye, mbibona no kuri Gasana. Ndi aha ntazakira, ariko ruranantindiye ngo uwari jye na Gasana tuzime. Sinamutera ibuye ngo ni we wayinyanduje kuko nanjye kenshi nararanye n'abandi bagabo, iyo atayinzanira nari kuyimuha. Sinshidikanya kandi ko umugabo wa Monika ariyo yazize. Dore ngo nawe asigaye agenda yesa impanga gusa. Aho bukera shebuja aramukurikira, n'umugore we, n'abana babyaye. Nyiri urupangu nari ntuye mo ubwo nawe naramukongeje, ashyira umugore we. Abagore bose baryamanye na Gasana bafashe icyororo, boroza abagabo babo na bo baha amahabara yabo, biba uruhererekane. Ku ruhande rwanjye na rwo ni uko. Nyagasani ambabarire niba ari uko byagenze sinabikoranye ubugome!

Wishavura yavugaga atyo ababaye cyane, yari afite ikiniga maze araturika ararira. Arira amarira ntigeze mbona ubwo yambwiraga urupfu rw'abana be n'umugabo we. Hagati aho akomeza avuga ati "mbabajwe n'iyo rubanda nyamwinshi igiye gushirira ku icumu we… Aho iyo ndwara ibereye mbi, ngo nta muti, nta n'urukingo bitegerejwe vuba. "

Yongera kurira. Yari ariteye mu rya wa muganga. SIDA ni indwara mbi koko! Iyo mungu imunga ubuzima bw'umuntu ngo iba yarigize kagarara ku miti yose! Uwo mubyeyi yari amenyereye kuvuga akenshi simusubize. Se nari gusubiza iki? Uko nyizi nari gutangira kuvuga nanjye nkarira. Nkamutera kutabasha kwihangana. Ndamureka arakomeza.

Mwana wa Mama, kugeza ubu ngubwo ubuzima bw'uwo se yise Wishavura maze we akaba yarabibye ishavu agasarura irindi. Agapfunyika naronkeye I Kigali sinagashyiriye Mama uko yambuzaga ku mugoroba nari nashegeyeho kuza ino. Cyakora ntiyambereye umubyeyi gito yamfashije kugahambura. Sinavuga ngo inkuru nakubwiye ndayishoje. Nuyandika uzabe ari wowe uyisoza, uzashyireho uko bizagenda muminsi isigaye kugirango nitarure. Ntabwo ari myinshi. Ibyo byose nubirangiza uzambwirire abakobwa barumuna banjye uti "uwari wishavura Anita yapfuye abatekereza mwese aho muva mukagera, ntamupaka w'ibihugu n'ubwoko. " Uti "Bari ba Nyagasani kandi ngoro za Roho Mutagatifu mwiyubahe mwubahe n'iyo Hekaru y'Imana ariyo mubiri mwahawe. Mwarawuragijwe si uwanyu. Nimuhorane ubupfura n'ubumanzi muzagororerwa. " Uzongereho uti "musigeho kwitanga mutagabuye, agaseke kapfundikiwe n'iyabahanze kazapfundurwe nuwo yabageneye umwe rukumbi." Uti" Muzagire ibyishimo kandi muzaba mubikwiye, mwongereho no kunyura ukubiri n'ishyano SIDA ritababarira uruhinja, ntiribabarire umusore cyangwa umusaza. "

Uzambwirire abasore uti"iraha ni ryiza cyane cyane iyo wiyumva mo ifaranga. "Uti"ariko umwijuto w'ikinonko ugirango imvura ntizagwa. Mu iraha ryanyu muririnde ijambo"nkundwa n'abakobwa beza"kuko muba mutazi ibibihishe mo. Ntimugakangwe n'ikimero cyiza, agakoko ka SIDA gashobora gutura muri iryo ribagiza imyaka igashira indi igataha kandi bitamugaragaraho, ntibinamubuze gukwiza icyororo mu baryamanye na we bose. Nibwo mwumvango amabuye ameneka urwondo rugisukuma. "

Uzambwirire abagabo bubatse uti"nimusigeho guta ingo zanyu. Murahemukira abo mwashakanye namwe mutisize. "Uti"intorezo itababarira ibategereje mu ngeso y'ubusambanyi mwo ka nyagwa mwe. Ni mutunge umugore umwe mwirarikira ab'abandi naho ubundi kababayeho. Ni mwibuke ko mutiyahura gusa ahubwo muzakurizamo gutsemba imiryango. "

Abagore bubatse bagenzi bawe, uzabambwirire uti"na kera kose inkunguzi y'igikoba yikururira amakara. "Uti"ibya kera si byo by'ubu: Umugore ntakiri uw'umuryango. "Rero

ngo benshi basasira abagabo b’abandi bashaka umuramuko. Simbaseka nanjye nabikoze inshuro zitabarika. Uzababwire uti”icyo uzarya ejo Imana Irara igishaka. Uzongereho uti”ntawe utanga icyo adafite kandi ngo n’uwiba ahetse abayereka uwo mu mugongo. ”Abo badahazwa n’umugabo umwe, uzabambarize uti”umunsi abana mubyara babakurikije hazacura iki?”

Uzambwirire abasore n’inkumi bifuza kurushinga uti”uwo muriro ubatera kubona uwo mukunda ntawe umuruta ni akanya gato ugahosha. ”Uti”ariko urukundo mwikunda ntiruzacuya, ntiruzacagata. Nimubwire uwo muzabana mubanze mwisuzumishe ko mutanduye agakoko ka SIDA. Bityo ntawe uzapfunyikirwa amazi. ”

Ndatekereza cyane ku rubyiruko ruri ku misozi iyo i wacu mu cyaro, rutana ngo ruje ino gushaka amahaho. Uzarumbwirire uti”mu mugi nta mukiro uhari cyane cyane iyo udafite impamyabushobozi witwaje. ”Uti”kandi i Kigali harinjirwa nti hasohokwa, uhageze wese ntaba agitashye, kabone n’iyo yaburara atekereza ko i wabo amata avuna imitozo, amarwa ashengura intango. ”Uti”uko kuhaba nta mukoro bikurura ingeso zibyara ingaruka mbi. Ni ubusinzi, umwanzi w’ubuzima, ni ubujura burangirira mu munyururu, ni ubusambanyi buhereza SIDA, n’izindi nyinshi. ”nyamuneka uzababurire bigumire i wabo bisunge umukangurambaga Leta yabahaye azabagire inama.

N’abarwayi nka njye ndabagutumaho. Uzambirire abagabo n’abagore basanze mo ako uti”kubyara mubyibagirwe. Ni ishyano mwararigushije, ariko muzirinde guha ubuzima ikiremwa kitabubasaba, muzi neza ko kizavukira kubabara gusa no kubarushya. ”Abasore n’abakobwa bo biyizi ko bayirwaye bazirinde gutekereza gushyingiranywa n’abakiri bazima. Abo bayirwaye uzongere ubambwirire uti ”nimusigeho kuvuga ngo na none ntacyo mushya mwarura! Nimureke gukangura intare isinziriye hato idashira iroro ikabiraramo. Agakoko ka SIDA kabarimo karahwekereye, muhave kukongeraho akandi tutaba tubiri n’amcumu yatwo akikuba kabiri bityo intwaro zikagwira ntimubashe kuziva imbere. Erega mugize amahirwe kazakanguka iminsi yigiyeyo!”

Muri abo kandi hari abavuga ngo”nanjye nari umuntu reka nishakire abo tuzajyana. ”Nyamara baribeshya ibyiyo ndwara ni amayobera. Uti”byaragaragaye ko abaryamana nabo yafashe atariko bose bayandura. ”Mbese baretse kwiteranya ko nta kuroga kutari uko?

Uzambarize abanyarwanda kwiteza inshinge za magendu. Umva nawe si iz'ubuntu, sizo zigura make ntan'ubwo arizo. Ubu ibigo nderabuzima byarakwirakwijwe kandi haracyubakwa ibindi. Ntawe ugikubita urugendo ajya kwivuza. Uza boshye ugira uti"mbese ba magendu mwabamaganiye Kure? Ko urushinge rwabo rumwe bateresha imbaga y'abantu, rutozwa, ntirutekwe narwo rudasiba kudukwirakwizamo iyo SIDA!"

Abarokotse iryo shyano ni bo benshi, uzabashimire. Uzabambwirire uti"umurwayi wa SIDA ni umuntu kimwe namwe, ava amaraso nubwo yanduye bwose. Mwo kabyara mwe ntimuzamwitaze umwuka ahumeka si wo uzabahumanya. Muribuke ko ugeze kure wese akenera inkunga y'abazima, akenera umutima umwumva, ashimishwa n'inseko icyeye, no kumva ko ari umuntu, ariko cyane cyane akenera kumva afashwe nk'abandi. Muritondere urubanza mumucira, urwo gupfa murarutinye kuko mutazi uburyo yamufasha. "

Abazasoma inkuru y'uwitwa wishavura bose uzababwire uti "SIDA ni umwanzi mubi, nimuyiheze ntimutume yinjira iwanyu. ' Ni nka ka gati umanika wicaye, wajya kukamanura ugahaguruka.

Niyitegeka Mukarugira Yuliyana, Wishavura, imp. 113-122, printer set, nzeri 1989

**Umusaruro w'inyigisho 4.2: Gusoma neza umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza**

Utwatuzo twarizwe mu mbumbe ya kabiri.

- Wubahirije utwatuzo n'isesekaza, soma umwandiko uvuga kuri SIDA.

**Umusaruro w'inyigisho 4.3: Gusubiza neza ibibazo mu mvugo iboneye ku mwandiko**.

**Subiza ibibazo bikurikira ugendeye ku mwandiko**

1. Ni bande bavugwa muri uyu mwandiko?

2. Umurwayi uvugwa muri uyu mwandiko yari ategereje gukira? Andika interuro iri mu mwandiko yemeza igisubizo cyawe.

3. Ari uyu murwayi ari n'uwari umugabo we uwanduje undi ni nde ukurikije ibivugwa mu mwandiko?

4. Nk'umunyeshuri wiga mu mwaka wa kane, wafata izihe ngamba kugira ngo wirinde kwandura indwara ya SIDA ?

5. Ufite umurwayi wa SIDA wamugira izihe nama kugira ngo abashe kubaho igihe kirekire ?

6. Umurwayi aragira inama ibyiciro byinshi by'abantu. Andika ibyo byiciro byose n'inama abiha mu ncamake.

7. Ni izihe ndwara zikunze kuba ibyuririzi by'umurwayi wa SIDA?

8. Hari aho umwanditsi akoresha imvugo zishushanya? Havuge Kandi usobanure icyo izo mvugo zishushanya.

**Umusaruro w'inyigisho 4.4: Guhimba no kumurika umwandiko akurikiranya neza ingingo**.

- **Kwandika**: Hina uyu mwandiko mu gika kitarengeje imirongo icumi.
- **Kuvuga:** Jya imbere y'abandi banyeshuri uvuge icyo uzi kuri SIDA.

**Umusaruro w'inyigisho 4.5: Gutandukanya indwara zandura n'indwara zitandura**

- Wifashishije ingero enye kuri buri tsinda, tandukanya indwara zandura n'indwara zitandura.

**Umusaruro w'inyigisho 4.6: Kugaragaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi muri ntera**

**NTERA**

**1. INSHOZA YA NTERA**

Ntera ni ijambo rigaragira izina, rikerekana imimerere, ingano n'imiterere yaryo. Ntera yegerana n'izina ifutura cyangwa bigahuzwa n'inshinga "kuba".

2. **UTURANGO TWA NTERA**

- Ntera yisanisha n'izina biri kumwe igafata indanganteko yaryo ho indangasano.

**Ingero:** - Iyi nzu ifite ibyumba bigari.

- Umusore munini kandi mugufi.

- Umwiza ni umukobwa muto muto kandi ufite umusatsi muremure.

- Ntera igaragaza indanganteko y'izina igaragiye.

**Ingero:** - Iryinyo rinini.

-Indirimbo nshya.

- Mu nteruro, Ntera yisanisha n'izina igaragiye ikinjira mu nteko y'amasano izina igaragiye ririmo, bityo ntera ikaba ari ijambo rishobora kwinjira mu nteko zose z'amasano.

**Ingero:**- Umukobwa mugufi. ( nt 1)

- Abahungu bagufi. (nt 2)

-Imyenda migufi. (nt 3)

- Ntera iyo ifashe indomo ihinduka izina rusange.

**Ingero:** -Ntamwiza nk'umubi wumva.

-Umuto niwe waje.

-Abarebare bajye inyuma.

-Abakuru n'abato bose baze.

**3. UTUREMAJAMBO TWA NTERA**

Ntera igira uturemajambo tubiri: **Indangasano n'igicumbi**.

1. **Indangasano**

Indangasano (RS) ni igice cya ntera gihinduka bitewe n'izina bijyanye. Indangasano ya ntera isa n'indanganteko y'izina igaragiye.

Ingero: Umuhanzi mushya yasohoye indirimbo nziza.

mu-shya, n-iza (igicumbi gifata **z** mu nt 10)

2. **Igicumbi**

Igicumbi (C) ni igice kidahinduka na rimwe.

Ingero: -Umugore munini. mu-nini

-Abagore banini. ba-nini

**4. IBICUMBI BYA NTERA**

Ibicumbi bya ntera ni ibi bikurikira.

| **Igicumbi** | **urugero** | **igicumbi** | **urugero** |
|---|---|---|---|
| **- inshi** | Abana benshi | **- zima** | Umwana muzima |
| - **iza** | Inka nziza | **- shya** | Insengero nshya |
| - **gari** | Inzu ngari | **- shyashya** | Imyenda mishyashya |
| -**ke / - keya** | Abana bake,bakeya | **- bi** | Abantu babi |
| **- to** | Igiti gito | **- nini** | Imirima minini |
| **- toto** | Igiti gitoto | -**kuru** | Umuntu mukuru |
| -**to – to** | Umugore mutomuto | - **tagatifu** | Ahantu hatagatifu |
| - **toya** | Umuhungu mutoya | - **re-re** | Umusore muremure |
| **- hire** | Umunsi muhire | **- gufi** | Umwari mugufi |
| **- bisi** | Ibyatsi bibisi | **- sa - sa** | Uburo busabusa |
| **- taraga** | Umukozi mutaraga | **- sa** | Ibijumba bisa |
| **- niya** | Ingirangingo niya | **- tindi** | Umutego mutindi |

- Igicumbi **-re** na –**to** byisubiramo ku buryo bifata indangasano 2.

**Ingero:** Igihe kirekire: ki-re – ki –re,

Umusore mutomuto: mu-to-mu-to

- Igicumbi **–gufi**, **-ke**, **-to** bishobora gukorana n'akajambo **ya**.

**Ingero:** umuntu mugufiya, amazi makeya.

- Igicumbi **–niya**, gishobora kugira impinduranteko nyinshi

**Ingero:** -nuya, -nzinya, -niniya, -nunuya, -nziginya, -nzunyu, -nzugurunya

- Igiti kinzugurunya.

- Udushaza tunzugunya

**5. UMUMARO WA NTERA.**

- Ntera igira umumaro w'imfutuzi y'izina igaragiye.

**Ingero:** Umuhungu muremure.

- Ntera idasanishije igira igicumbi cya ntera ariko indangasano yayo ntiyisanisha n'indanganteko y'izina bijyanye.

**Ingero:** - Nta mubyeyi gito ubaho.

-Sinkunda ibigori gusa.

**Uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi muri ntera**

- Abantu **benshi :** ba-inshi (ba=RS, -inshi=C)

a+i=e (itegeko)

-Umukobwa **mugufi :** mu-gufi (mu=RS, gufi=C)

Nta tegeko.

-umuyobozi **mwiza :** mu-iza (mu=RS, iza=C)

u→w/j (itegeko)

## Imbumbe ya 5. Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye uwiga agaragaza imyitwarire ikwiye no kwandika yubahiriza imyandikire y'Ikinyarwanda.

**Umusaruro w'inyigisho 5.1: Gukoresha Ikinyarwanda kiboneye, uwiga agaragaza ko yumva ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubuzima bw'imyororokere mu ngiro zitandukanye.**

**INSHOZA Y'IKINAMICO**

Ikinamico ni uburyo bukoreshwa hagamijwe gutambutsa ubutumwa binyuze mu mukino.

Uturango tw'ikinamico

- Insanganyamatsiko
- Abakinnyi (abakinankuru)
- Umwinjizo (ibice by'umukino)

**Umwandiko: Ubuzima bw'imyororokere**

Kampire ni umubyeyi wari afite umwana w'umukobwa wakundaga kubaza ibibazo byinshi kubera amatsiko. Bakundaga kuganira ibintu binyuranye byo mu buzima busanzwe. Umunsi umwe wa mukobwa aza kubaza nyina ati: "Ubundi iyo umwana avuka anyura he?" Nyina amusubiza amubeshya ati: "Anyura mu mukondo". Biba aho wa mukobwa arakura nk'abandi bose. Nyuma yaje kugira ibyago byo gutwara inda idateganyijwe, cyane ko atari yaranahawe amahirwe yo kwiga nk'abandi bana. Icyo gihe abafite ubumuga ntibitabwagaho. Igihe cyo kubyara kigeze aricara ategereza ko umwana anyura mu mukondo araheba. Kera kabaye nyina aza kubimenya amazi yararenze inkombe, agerageza ibishoboka byose ariko biba iby'ubusa uwo mukobwa akubita igihwereye. Nyamukobwa wawe asigara avuga ko ari nyina wamwiciye umwana.

Uyu mukecuru Kampire yaje kubiganiriza abandi babyeyi baturanye, abagezaho ishyano yagushije. Abo babyeyi bamubwiye ko na bo babwira abana babo ko umwana bamukura kwa muganga igihe bavuye kubyara murumuna wabo, musaza cyangwa mushiki wabo muto. Bamaze guhuza ayo makuru yabo bose, bumva nta bumenyi buhagije bafite ku buzima bw'imyororokere n'uburyo bwo kwigisha abana babo ibijyanye na bwo. Babiganirije abagabo babo maze bajyana na bo ku kigo nderabuzima kibegereye ngo basobanuze by'imvaho. Bakiriwe na Bwiza na Karenzi, abaforomo b'abahanga rwose, maze babibasobanurira birambuye. Bwiza yatangiye agira ati: "Ku ruhande rw'igitsina gabo, iyo umwana w'umuhungu akiri muto, imyanya myibarukiro ye iba isa n'isinziriye. Itangira gukora mu gihe cy'ubugimbi, igatangira imyiteguro ijyanye no kororoka. Icyo gihe igitsina ke gitangira kujya gifata umurego, agatangira no kujya yiroteraho. Udusabo tw'ubugabo dutangira gukora intanga ngabo ubudahwema. Bitandukanye n'umukobwa ukuza intanga

imwe buri kwezi. Guhera icyo gihe cyose umuhungu yatangiye kwiroteraho abonanye n'umukobwa cyangwa umugore uri mu gihe cy'uburumbuke yamutera inda (mu gihe nta buryo bwo kwikingira bwakoreshejwe)". Karenzi yungamo ati: "Ku ruhande rw'igitsina gore, nk'uko twabibonye ku muhungu, no ku mukobwa iyo akiri umwana muto imyanya myibarukiro ye iba isa n'igisinziriye. Mu gihe cy'ubwangavu akarerantanga k'intanga ngore karekura intanga imwe buri kwezi; ari byo byitwa irekurantanga. Icyo gihe umura (nyababyeyi) uba witeguye kwakira urusoro. Iyo intanga ngore yahuye n'intanga ngabo, urusoro rujya mu mura. Umwana akurira mu mura mu gihe cy'amezi ikenda. Muri icyo gihe nta mihango ibaho. Iyo nta sama ribayeho, ibyo umura wari warateganyirije kwakira urusoro bisohoka ari amaraso ari byo byitwa imihango. Ibyo ni byo bita 'ukwezi k'umugore' ntibivuga ukwezi uku gusanzwe tubariraho amatariki nk'uko bamwe babikeka; ahubwo bivuga 'Iminsi ihereye ku munsi wa mbere aboneyeho imihango, ikagera ku munsi ubanziriza imihango ikurikira'. Ukwezi k'umugore kugira hagati y'iminsi 21 n'iminsi 35. Iyo umukobwa cyangwa se umugore abonye imihango mbere y'iminsi 21 cyangwa se nyuma y'iminsi 35 agomba kujya kwa muganga kugira ngo agirwe inama ku mpamvu zaba zibitera n'uburyo byakosorwa. Hari abagore bagira iminsi y'ukwezi idahinduka n'abandi bagira iminsi ihindagurika bitewe n'impamvu zinyuranye. Muri zo twavuga imikorere y'umubiri, imirire, uburwayi, uguhangayika, ubwoba bukabije n'ibindi. Twibuke ko ku mugore iyo intanga ze zishize habaho gucura (kurangira ko kubona urubyaro) mu kigero k'imyaka nka 45 kuzamura. Muri rusange umubare w'intanga ku mugore ubarirwa hagati ya 400 na 450. Ntitwakwirengagiza kandi ko hariho abagira umwihariko wo gutakaza intanga ebyiri ku kwezi kumwe." Umuforomokazi Bwiza arongera ati: "Nuko rero ntimugatinye kubisobanurira abana banyu." Ba babyeyi bose bataha banyuzwe n'icyo kiganiro, baniyemeza kujya babyigisha abana babo batabiciye ku ruhande. Aba bagabo n'abagore bamaze kugera ku midugudu yabo batangiye kubyigisha abandi babyeyi.

Niduhere kuri ibyo, tumenye uko twacunga ubuzima bwacu bw'imyororokere, tubusobanurire n'abandi cyanecyane abakiri bato. Bizababafasha kudahahamurwa n'imihindukire y'imyanya myibarukiro yabo uko bagenda bakura, no kudahuriramo n'ingorane, zaba izo gutera cyangwa gutwara inda mu buryo budateganyijwe, zaba izo kwandura indwara zandurira mu myanya ndangagitsina harimo n'agakoko gatera SIDA. N'ugize icyo abona kuri we adasobanukiwe ahanuze ku babishinzwe barimo abaganga

n'abandi bafatanyabikorwa babo nk'abajyanama b'ubuzima. Hato hatazagira uzira kutamenya no kutabaza, cyane ko "Intamenya irira ku muziro" kandi ngo: "Ukura utabaza ugasaza utamenye." Murumva rero ko twese bitureba, tumenye ubuzima bw'imyororokere, tutazisama twasandaye! Byateguwe hifashishijwe imfashanyigisho ya Minisiteri y'Ubuzima y'amahugurwa ku byerekeye ubuzima bw'imyororokere.

**Umusaruro w'inyigisho 5.2: Gusoma ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubuzima bw'imyororokere yubahiriza uturango.**

Gusoma ikinamico yo ku buzima bw'imyororokere hubahirizwa uturango twayo.

**Umusaruro w'inyigisho 5.3: Gusubiza ibibazo mu mvugo iboneye ku ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubuzima bw'imyororokere.**

**Subiza Ibibazo ugendeye ku mwandiko**

1. Uyu mwandiko uravuga kuri ba nde?

2. Abavugwa muri uyu mwandiko bahujwe n'ikibazo kijyanye n'ibiki? Byari byagenze bite?

3. Sobanura impamvu ivugwa mu mwandiko yatumye uriya mukobwa atajyanwa mu ishuri.

4. Sobanura igihe umukecuru Kampire yamenyeye ikibazo umukobwa we afite n'uko yabyifashemo.

5. Gereranya imyumvire ya Kampire n'iya bariya babyeyi bandi ku bijyanye no kuganiriza abana ku buzima bw'imyororokere.

6. Erekana umwanzuro ababyeyi bafashe nyuma yo kubona ko nibikomeza bityo bazakomeza guhura n'ingorane.

7. Shaka mu mwandiko ingero eshatu zerekana ko bamwe mu babyeyi bagira isoni zo kubwiza ukuri abana babo ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere.

**8. Hitamo igisubizo kiri cyo muri ibi bikurikira wifashishije umwandiko:**

**(i) Uriya mukobwa ntiyize ishuri kuko:**

a) Yari munini cyane.

b) Atabishakaga.

c) Abafite ubumuga batitabwagaho.

d) Atagiraga nyina.

**(ii) Ababyeyi bageze ku kigo nderabuzima bakiriwe na:**

a) Kiza, umuforomokazi w'umuhanga cyane.

b) Bwiza, umuforomokazi w'umuswa cyane.

c) Keza, umuforomokazi w'umuhanga cyane.

d) Bwiza na Karenzi, abaforomo b'abahanga cyane.

**(iii) Ubuzima bw'imyororokere bugomba kwitabwaho no gusobanurirwa abana bakiri bato kugira ngo:**

a) Bakure batazi imihindukire y'imibiri yabo bizabarinde ingorane zari zibategereje.

b) Bakure bazi imihindukire y'imibiri yabo bizabarinde ingorane zari zibategereje.

c) Bakure bazi gutegura amafunguro neza.

d) Ibirayi bigabanyirizwe igiciro kuko bihenze cyane.

**(iv) Ukwezi k'umugore kugira:**

a) Iminsi iri hagati ya 21 na 35.

b) Iminsi itarenga 30.

c) Ibyumweru bibiri n'igice.

d) Buri gihe iminsi 35.

**II. Inyunguramagambo**

**1. Shaka ibisobanuro by'amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**

a) Amazi yarenze inkombe

b) Gukubita igihwereye

c) Biba iby'ubusa

d) Gucura

e) Igihe cy'uburumbuke

f) Urusoro

g) Kwisama wasandaye

- **Ibibazo byo gusesengura umwandiko**

1. Nimwerekane ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.

2. Ibivugwa muri uyu mwandiko bihuriye he n'ubuzima busanzwe?

3. Usomye umusozo w'uyu mwandiko urasanga umwanditsi asaba iki umwangavu cyangwa ingimbi izawusoma?

4. Wumva kwigisha hakiri kare ibice by'umubiri ndetse n'iby'imyanya myibarukiro n'akamaro kabyo hari icyo yamarira abangavu cyangwa ingimbi mu rwego rwo kurinda ubuzima bwabo no kugabanya ubwiyongere bw'abaturage butajyanye n'umusaruro beza?

**Umusaruro w'inyigisho 5.4: Guhimba no gukina ikinamico akurikiranya neza ingingo**.

- Andika hanyuma ukinire bagenzi bawe ikinamico ngufi ugendeye kubyo uyu mwandiko ugusigiye. (Ukurikiranya neza ingingo z'incamake)

**Umusaruro w'inyigisho 5.5: Gukoresha amagambo yabugenewe avuga kigero k'imyaka y'ubukure.**

- **Sobanura amagambo akurikira ushingiye ku bigero by'imyaka:**

a) Ingimbi, abangavu, ibihumuza, ibikwerere, amajigija, abasaza n'abakambwe.

**Umusaruro w'inyigisho 5.6: Gukoresha ikata n'itakara ry'inyajwi mu myandikire y'Ikinyarwanda.**

**Ikata ry'inyajwi zisoza ibinyazina ngenera n'ibyungo "na" na "nka"**

Inyajwi zisoza ikinyazina ngenera n'ibyungo **"na"** na **"nka"** zirakatwa iyo ikurikiwe n'ijambo ritangiwe n'inyajwi ariko inyajwi isoza ikinyazina ngenera gikurikiwe n'umubare wanditse mu mibarwa ntikatwa.

**Ingero:**

- Wakomerekejwe n'iki?
- Nta kibyara nk'intare n'ingwe.
- Umubare w'amashuri y'imyuga uriyongera.
- Nyereka uko batsa tereviziyo n'uko bayizimya.
- Umwaka w'ibihumbi bibiri na cumi n'ibiri
- Umwaka wa 2012.

➢ **Inyajwi zisoza zidakatwa**

Inyajwi zisoza amagambo ntizikatwa.

**Urugero:** - Kabya inzozi

➢ **Inyajwi "i" isoza akabimbura "nyiri", n'inshinga mburabuzi "ni" na "si" ntizikatwa.**

**Ingero:** - Nyiri ubwenge aruta nyiri uburyo

- Amasunzu si amasaka
- Icyatumye ejo ntaza iwawe ni uko natashye ndwaye.

- Icyakora ijambo **"nyiri"** iyo riri mu mazina amwe n'amwe y'icyubahiro rifatana n'ijambo ririkurikiye.

**Urugero:** - Nyiricyubahiro Musenyeri.

- Naho **"nyira"** ivuga "nyina wa" ikoreshwa mu mazina, ifatana n'ijambo ibanjirije.

**Urugero**:  - Nyirabukwe aramukunda.

- **Inyajwi zitangira amazina akurikira indangahantu “mu” na “ku”**

Inyajwi itangira amazina bwite n’amazina rusange akurikiye indangahantu “**mu**” na “**ku”** iratakara, keretse mu ijambo ritangirwa n’inyajwi “**i**”.

**Ingero:**

- Mu Mutara higanje imisozi migufi.

- Mu Kagera habamo ingona.

- Amatungo yanyuze mu murima.

- Kwita ku nka bigira akamaro.

- Abana bavuye ku iriba bajya mu ishuri.

- Banyuze mu ishyamba.

**IBITABO BYIFASHISHIJWE:**


- Igitabo cyo mu ishami ry'indimi n'ubuvanganzo, umwaka wa kane (igitabo cy'umunyeshuri)
- Igitabo cyo mu ishami ry'indimi n'ubuvanganzo, umwaka wa4 (igitabo cy'umwarimu)
- Igitabo cyo mu ishami ry'indimi n'ubuvanganzo, umwaka wa 5&6 (igitabo cy'umunyeshuri)
- Igitabo cyo mu ishami ry'indimi n'ubuvanganzo, umwaka wa 5&6 (igitabo cy'umwarimu)
- Igitabo gikubiyemo imyandiko y'imfashanyigisho mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro, 2019
- Ibitabo binyuranye by'ikibonezamvugo
- Ikinyarwanda.imyandiko mfashanyigisho-igitabo cy'umunyeshuri
- Niyitegeka Mukarugira Yuliyana, Wishavura, imp.113-122, printer set, nzeri 1989
- Komisiyo y'amatora, Uburere mboneragihugu ku matora mu Rwanda (imp.18-21)